# *Ibirimo/Summary/Sommaire page/urup.*

***Amategeko/Laws/Lois***

**N°45/2012 ryo kuwa 14/01/2013**
Itegeko rigena imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'Urugaga rw'Abahanga mu by'imiti………………………………………………………………………………………...2
**N°45/2012 of 14/01/2013**
Law on organisation, functioning and competence of the Council of Pharmacists…………...2
**N°45/2012 du 14/01/2013**
Loi déterminant organisation, fonctionnement et compétences de l'Ordre des Pharmaciens………………………………………………………………………………………2

**N°46/2012 ryo kuwa 14/01/2013**
Itegeko rishyiraho Urugaga Nyarwanda rw'abakora imirimo ishamikiye ku buvuzi kandi rikagena imiterere, imikorere n'ububasha byarwo………………………………………...26
**N°46/2012 of 14/01/2013**
Law establishing the Rwanda Allied Health Professions Council and determining its organisation, functioning and competence…………………………………………………...26
**N°46/2012 du 14/01/2013**
Loi portant création de l'Ordre Rwandais des Professions Paramédicales et déterminant son organisation, son Fonctionnement et ses compétences………………………………………26

**N°47/2012 ryo kuwa 14/01/2013**
Itegeko rigenga imicungire n'igenzura ry'ibiribwa n'imiti…………………………………..58
**N°47/2012 of 14/01/2013**
Law relating to the regulation and inspection of food and pharmaceutical products………. 58
**N°47/2012 du 14/01/2013**
Loi portant réglementation et inspection des produits alimentaires et pharmaceutiques…….58

**ITEGEKO N°45/2012 RYO KUWA 14/01/2013 RIGENA IMITUNGANYIRIZE, IMIKORERE N'UBUBASHA BY'URUGAGA RW'ABAHANGA MU BY'IMITI**

**ISHAKIRO**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**Ingingo ya 3: Inshingano y'Urugaga**

**Ingingo ya 4: Ububasha bw'Urugaga**

**Ingingo ya 5: Ubwigenge n'ubwisanzure by'Urugaga**

**Ingingo ya 6: Icyicaro cy'Urugaga**

**UMUTWE WA II: IMITERERE Y'URUGAGA**

**Ingingo ya 7: Inzego zigize Urugaga**

**Ingingo ya 8: Inama y'Igihugu y'Urugaga**

**Ingingo ya 9: Abagize Inama y'Igihugu y'Urugaga**

**Ingingo ya 10: Manda y'abagize Inama y'Igihugu y'Urugaga**

**LAW N°45/2012 OF 14/01/2013 ON ORGANISATION, FUNCTIONING AND COMPETENCE OF THE COUNCIL OF PHARMACISTS**

**TABLE OF CONTENTS**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

**Article 2: Definitions of terms**

**Article 3: Mission of the Council**

**Article 4: Competence of the Council**

**Article 5: Autonomy of the Council**

**Article 6: Head Office of the Council**

**CHAPTER II: ORGANISATION OF THE COUNCIL**

**Article 7: Organs of the Council**

**Article 8: National Council Board**

**Article 9: Composition of the National Council Board**

**Article 10: Term of office of members of the National Council Board**

**LOI N°45/2012 DU 14/01/2013 DETERMINANT ORGANISATION, FONCTIONNEMENT ET COMPETENCES DE L'ORDRE DES PHARMACIENS**

**TABLE DES MATIERES**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

**Article 2: Définitions des termes**

**Article 3: Mission de l'Ordre**

**Article 4: Compétences de l'Ordre**

**Article 5: Autonomie de l'Ordre**

**Article 6: Siège de l'Ordre**

**CHAPITRE II: ORGANISATION DE L'ORDRE**

**Article 7: Organes de l'Ordre**

**Article 8: Conseil National de l'Ordre**

**Article 9: Composition du Conseil National de l'Ordre**

**Article 10: Mandat des membres du Conseil National de l'Ordre**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 11: Impamvu zituma uri mu nama y'Igihugu y'Urugaga ayivamo** | **Article 11: Grounds for termination of membership in the National Council Board** | **Article 11: Motifs de cessation de la qualité de membre du Conseil National de l'Ordre** |
| **Ingingo ya 12: Isimburwa ry'ugize Inama y'Igihugu y'Urugaga** | **Article 12: Replacement of a member of the National Council Board** | **Article 12: Remplacement d'un membre du Conseil National de l'Ordre** |
| **Ingingo ya 13: Biro y'Inama y'Igihugu y'Urugaga** | **Article 13: Bureau of the National Council Board** | **Article 13: Bureau du Conseil National de l'Ordre** |
| **Ingingo ya 14: Komisiyo tekiniki** | **Article 14: Technical Committees** | **Article 14: Commissions techniques** |
| **Ingingo ya 15: Guhagararirwa imbere y'amategeko** | **Article 15: Legal Representation** | **Article 15: Représentation légale** |
| **UMUTWE WA III: UBUBASHA N'INSHINGANO BY'INZEGO Z'URUGAGA** | **CHAPTER III: COMPETENCE AND RESPONSIBILITIES OF THE ORGANS OF THE COUNCIL** | **CHAPITRE III: COMPETENCES ET ATTRIBUTIONS DES ORGANES DE L'ORDRE** |
| **Icyiciro cya mbere: Ububasha n'inshingano by'inzego z'Urugaga** | **Section One: Competence and responsibilities of the organs of the Council** | **Section première: Compétences et attributions des organes de l'Ordre** |
| **Ingingo ya 16: Ububasha bw'Inama y'Igihugu y'Urugaga** | **Article 16: Competence of the National Council Board** | **Article 16: Compétences du Conseil National de l'Ordre** |
| **Ingingo ya 17: Inshingano z'Inama y'Igihugu y'Urugaga** | **Article 17: Responsibilities of the National Council Board** | **Article 17: Attributions du Conseil National de l'Ordre** |
| **Ingingo ya 18: Inshingano za Biro y'Inama y'Igihugu y'Urugaga** | **Article 18: Responsibilities of the Bureau of the National Council Board** | **Article 18: Attributions du Bureau du Conseil National de l'Ordre** |
| **Icyiciro cya 2: Amahugurwa n'isuzumabumenyi** | **Section 2: Training and knowledge evaluation** | **Section 2: Formation et évaluation des connaissances** |
| **Ingingo ya 19: Amahugurwa** | **Article 19: Training** | **Article 19: Formation** |
| **Ingingo ya 20: Isuzumabumenyi** | **Article 20: Knowledge assessment** | **Article 20: Evaluation des connaissances** |
| **Ingingo ya 21 : Ibyemezo ku isuzumabumenyi** | **Article 21: Post-knowledge assessment measures** | **Article 21: Mesures prises après l'évaluation des connaissances** |

**UMUTWE WA IV: IMIKORERE Y'INZEGO Z'URUGAGA**

**Ingingo ya 22: Uyobora Inama y'Igihugu y'Urugaga**

**Ingingo ya 23: Inama z'Inama y'Igihugu y'Urugaga**

**Ingingo ya 24: Itumira ry'inzobere mu nama z'Inama y'Igihugu y'Urugaga**

**Ingingo ya 25: Kohereza urutonde rw'abahanga mu by'imiti bagize Urugaga**

**Ingingo ya 26: Ubunyamabanga Buhoraho**

**UMUTWE WA V: IMYITWARIRE N'IBIHANO**

**Ingingo ya 27: Ibihano byo mu rwego rw'imyifatire**

**Ingingo ya 28: Ingaruka zo guhagarikwa by'agateganyo**

**Ingingo ya 29: Gukurwa mu mwanya nta mpaka**

**Ingingo ya 30: Kutavangura**

**Ingingo ya 31: Ibanga ry'akazi**

**Igingo ya 32: Ikurikiranwa ry'umuhanga mu by'imiti ukora atanditswe ku rutonde rw'Urugaga cyangwa yarahagaritswe**

**Ingingo ya 33: Gukurikiranwa mu rwego rw'imyitwarire ku murimo**

**CHAPITRE IV: FUNCTIONING OF THE ORGANS OF THE COUNCIL**

**Article 22: Chairperson of the National Council Board**

**Article 23: Meetings of the National Council Board**

**Article 24: Invitation of a resource person in the meetings of the National Council Board**

**Article 25: Transmission of the register of pharmacists members of the Council**

**Article 26: Permanent Secretariat**

**CHAPTER V: CODE OF ETHICS AND DISCIPLINARY MEASURES**

**Article 27: Disciplinary measures**

**Article 28: Consequences of temporary suspension**

**Article 29: Automatic removal from office**

**Article 30: Non-discrimination**

**Article 31: Professional secrecy**

**Article 32: Prosecution of a pharmacist practicing without being registered in the register of the Council or while on the suspension**

**Article 33: Disciplinary proceedings**

**CHAPITRE IV: FONCTIONNEMENT DES ORGANES DE L'ORDRE**

**Article 22: Président du Conseil National de l'Ordre**

**Article 23: Réunions du Conseil National de l'Ordre**

**Article 24: Invitation d'une personne ressource aux réunions du Conseil National de l'Ordre**

**Article 25: Transmission du tableau des pharmaciens membres de l'Ordre**

**Article 26: Secrétariat Permanent**

**CHAPITRE V: CODE D'ETHIQUE ET SANCTIONS DISCIPLINAIRES**

**Article 27: Sanctions disciplinaires**

**Article 28: Conséquences de la suspension temporaire**

**Article 29: Révocation d'office**

**Article 30: Non discrimination**

**Article 31: Secret professionnel**

**Article 32: Poursuite d'un pharmacien exerçant sans être inscrit au tableau de l'Ordre ou ayant fait l'objet de suspension**

**Article 33: Exercice de l'action disciplinaire dans le cadre de la profession**

| | | |
|---|---|---|
| **UMUTWE WA VI: IKURIKIRANWA RY'IKOSA N'INZIRA ZO GUSUBIRISHAMO ICYEMEZO** | **CHAPTER VI: DISCIPLINARY PROCEDURES AND APPEAL** | **CHAPITRE VI: PROCEDURES DISCIPLINAIRES ET VOIES DE RECOURS** |
| **Ingingo ya 34: Ikurikiranwa ry'ikosa n'Inama y'Igihugu y'Urugaga** | **Article 34: Disciplinary action by the National Council Board** | **Article 34: Action disciplinaire par le Conseil National de l'Ordre** |
| **Ingingo ya 35: Guhagarikwa na Biro y'Inama y'Igihugu y'Urugaga k'umuhanga mu by'imiti** | **Article 35: Temporary suspension of a pharmacist by the Bureau of the National Council Board** | **Article 35: Suspension temporaire d'un pharmacien par le Bureau du Conseil National de l'Ordre** |
| **Ingingo ya 36: Icyemezo cyafatiwe umuhanga mu by'imiti adahari** | **Article 36: Measure taken against a pharmacist in absentia** | **Article 36: Mesure prise contre un pharmacien par défaut** |
| **Ingingo ya 37: Gusaba ko icyemezo gisubirwaho** | **Article 37: Appeal** | **Article 37: Recours** |
| **UMUTWE WA VII: UMUTUNGO W'URUGAGA** | **CHAPTER VII: PROPERTY OF THE COUNCIL** | **CHAPITRE VII: PATRIMOINE DE L'ORDRE** |
| **Ingingo ya 38: Inkomoko y'umutungo n'imicungire yawo** | **Article 38: Sources of the property and modalities for its management** | **Article 38: Source du patrimoine et modalités de sa gestion** |
| **Ingingo ya 39: Umusanzu w'umwaka** | **Article 39: Annual contribution** | **Article 39: Cotisation annuelle** |
| **Ingingo ya 40: Imicungire y'umutungo** | **Article 40: Management of the property** | **Article 40: Gestion du patrimoine** |
| **UMUTWE WA VIII: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA** | **CHAPTER VIII: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE VIII: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES** |
| **Ingingo ya 41: Inama rusange** | **Article 41: General Assembly** | **Article 41: Assemblée Générale** |
| **Ingingo ya 42: Igitabo cy'imyifatire igenga umwuga** | **Article 42: Code of ethics** | **Article 42: Code de déontologie** |
| **Ingingo ya 43: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko** | **Article 43: Drafting, consideration and adoption of this Law** | **Article 43: Initiation, examen et adoption de la présente loi** |
| **Ingingo ya 44: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko** | **Article 44: Repealing provision** | **Article 44: Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 45: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa** | **Article 45: Commencement** | **Article 45: Entrée en vigueur** |

**ITEGEKO Nº45/2012 RYO KUWA 14/01/2013 RIGENA IMITUNGANYIRIZE, IMIKORERE N'UBUBASHA BY'URUGAGA RW'ABAHANGA MU BY'IMITI**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 11 Ukuboza 2012;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 41, iya 62, iya 66, iya 67, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 108 n'iya 201;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 01/2012 OL ryo kuwa 02/05/ 2012 rishyiraho Igitabo cy'amategeko ahana cyane cyane mu ngingo zaryo iya 283 n'iya 284;

Ishingiye ku Itegeko nº 10/98 ryo kuwa 28/10/1998 ryekeye ubuhanga bwo kuvura, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 34 n'iya 35 ;

**LAW Nº45/2012 OF 14/01/2013 ON ORGANISATION, FUNCTIONING AND COMPETENCE OF THE COUNCIL OF PHARMACISTS**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 11 December 2012;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 41, 62, 66, 67, 90, 92, 93, 94, 108 and 201;

Pursuant to Organic Law n° 01/2012/OL of 02/05/2012 instituting the Penal Code especially in Articles 283 and 284;

Pursuant to Law n° 10/98 of 28/10/1998 establishing the practice of the art of healing, especially in Articles 34 and 35;

**LOI Nº45/2012 DU 14/01/2013 DETERMINANT ORGANISATION, FONCTIONNEMENT ET COMPETENCES DE L'ORDRE DES PHARMACIENS**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République ;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 11 décembre 2012;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 41, 62, 66, 67, 90, 92, 93, 94, 108 et 201;

Vu la Loi Organique n° 01/2012/OL du 02/05/2012 portant Code Pénal, spécialement en ses articles 283 et 284;

Vu la Loi nº 10/98 du 28/10/1998 portant exercice de l'art de guérir, spécialement en ses articles 34 et 35;

Ishingiye ku Itegeko n° 12/99 ryo kuwa 02/07/1999 rigena ubuhanga bwo gukora imiti cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 6, iya 7, iya 14 n'iya 21;

**YEMEJE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rigena imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'Urugaga rw'abahanga mu by'imiti.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

1° **Umuhanga mu by'imiti:** umuntu wese wemerewe gukora umuti cyangwa gutanga umuti hashingiwe ku mpamyabumenyi afite;
2° **Urugaga:** Urugaga rw'abahanga mu by'imiti.

**Ingingo ya 3: Inshingano y'Urugaga**

Urugaga ni rwo murinzi w'amategeko, icyubahiro n'ishema by'umwuga w'abahanga mu by'imiti, rukanarengera ubuzima rusange bw'abaturage.

Pursuant to Law n° 12/99 of 02/07/1999 relating to the pharmaceutical art, especially in Articles 6, 7, 14 and 21;

**ADOPTS:**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

This Law determines organization, functioning and competence of the Council of pharmacists.

**Article 2: Definitions of terms**

Under this Law, the following terms shall have the following meanings:

1° **Pharmacist:** any person authorized to make or dispense a medicine by virtue of his/her academic qualification;

2° **Council:** Council of Pharmacists.

**Article 3: Mission of the Council**

The Council shall be responsible for ensuring that the rules, honor and dignity of the pharmacy profession are complied with and ensure the protection of public health.

Vu la Loi n° 12/99 du 02/07/1999 relative à l'art pharmaceutique, spécialement en ses articles 6, 7, 14 et 21;

**ADOPTE:**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

La présente loi détermine l'organisation, le fonctionnement et les compétences de l'Ordre des pharmaciens.

**Article 2: Définitions des termes**

Au sens de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:

1° **Pharmacien :** toute personne agréée pour fabriquer ou délivrer un médicament en vertu de sa qualification académique ;

2° **Ordre :** Ordre des Pharmaciens.

**Article 3: Mission de l'Ordre**

L'Ordre est le garant du respect des règles, de l'honneur et de la dignité de l'art pharmaceutique et assure la protection de la santé publique.

Urugaga rubungabunga ubusugire bw'amahame yerekeye imyifatire myiza, ubunyangamugayo n'ubwitange bya ngombwa mu murimo w'abahanga mu by'imiti, runareba ko abarugize bose bubahiriza ibyo bashingwa n'umwuga wabo, kimwe n'amategeko n'amabwiriza agenga abahanga mu by'imiti.

**Ingingo ya 4: Ububasha bw'Urugaga**

Urugaga rufite ububasha bukurikira:

1° gutanga no kwambura uburenganzira bwo gukora umwuga w'ubuhanga mu by'imiti;

2° gutanga inama ku bigo by'amashuri makuru kuri gahunda z'inyigisho zigenerwa abahanga mu by'imiti;

3° gufatira ibihano abahanga mu by'imiti bakoze amakosa mu rwego rw'akazi.

**Ingingo ya 5: Ubwigenge n'ubwisanzure by'Urugaga**

Urugaga rufite ubuzimagatozi, ubwigenge n'ubwisanzure mu miyoborere, imicungire y'umutungo, imari n'abakozi barwo.

**Ingingo ya 6: Icyicaro cy'Urugaga**

Icyicaro cy'Urugaga kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda.

Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda, byemejwe n'Inama y'Igihugu y'Urugaga.

The Council shall ensure compliance with the principles of morality, integrity and dedication essential to the practice of the pharmacy profession and ensure that all its members comply with their professional requirements and the laws and regulations governing pharmacists.

**Article 4: Competence of the Council**

The Council shall have the following competence:

1° to grant and revoke the authorization to practice the pharmacy profession;

2° to provide institutions of higher learning advice with respect to pharmacy academic programs;

3° to take disciplinary measures against pharmacists.

**Article 5: Autonomy of the Council**

The Council shall have legal personality, financial and administrative autonomy.

**Article 6: Head Office of the Council**

The head office of the Council shall be located in City of Kigali, the Capital of the Republic of Rwanda.

It may be transferred to any other location in Rwanda upon decision by the National Council Board.

L'Ordre veille au respect des principes de moralité, d'intégrité et de dévouement indispensables à l'exercice de l'art pharmaceutique et s'assure que tous ses membres se conforment aux exigences de leur profession et aux lois et règlements régissant les pharmaciens.

**Article 4: Compétences de l'Ordre**

L'Ordre jouit des compétences suivantes:

1° délivrer et retirer l'autorisation d'exercer l'art pharmaceutique;

2° donner aux institutions d'enseignement supérieur des conseils en matière de programmes de formation en pharmacie;

3° prendre des mesures disciplinaires à l'encontre des pharmaciens.

**Article 5: Autonomie de l'Ordre**

L'Ordre est doté de la personnalité juridique et de l'autonomie financière et administrative.

**Article 6: Siège de l'Ordre**

Le siège de l'Ordre est établi dans la Ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda.

Il peut être transféré en tout autre lieu du territoire du Rwanda sur décision du Conseil National de l'Ordre.

**UMUTWE WA II: IMITERERE Y'URUGAGA**

**Ingingo ya 7: Inzego zigize Urugaga**

Urugaga rugizwe n'inzego eshatu (3) zikurikira:

1° Inama y'Igihugu y'Urugaga;

2° Biro y'Inama y'Igihugu y'Urugaga;

3° Komisiyo tekiniki.

**Ingingo ya 8: Inama y'Igihugu y'Urugaga**

Inama y'Igihugu y'Urugaga ni rwo rwego rukuru rw'Urugaga.

**Ingingo ya 9: Abagize Inama y'Igihugu y'Urugaga**

Abagize Inama y'Igihugu y'Urugaga batorwa na bagenzi babo muri buri Ntara no mu Mujyi wa Kigali hakurikijwe umubare w'Abahanga mu by'imiti bari ku rutonde muri ako gace.

Amategeko ngengamikorere y'Urugaga ateganya uko batorwa.

**Ingingo ya 10: Manda y'abagize Inama y'Igihugu y'Urugaga**

Abagize Inama y'Igihugu y'Urugaga bafite manda y'imyaka itatu (3) ishobora kongerwa inshuro imwe (1) gusa.

**CHAPTER II: ORGANISATION OF THE COUNCIL**

**Article 7: Organs of the Council**

The Council shall have the following three (3) organs:

1° the National Council Board;

2° the Bureau of the National Council Board;

3° Technical Committees.

**Article 8: National Council Board**

The National Council Board shall be the supreme organ of the Council.

**Article 9: Composition of the National Council Board**

Members of the National Council Board shall be elected by their peers in each Province and in the City of Kigali on the basis of the number of pharmacists registered in such an area.

The internal rules and regulations of the Council shall provide for modalities for their election.

**Article 10: Term of office of members of the National Council Board**

Members of the National Council Board shall serve for a three (3) year term of office renewable only once.

**CHAPITRE II: ORGANISATION DE L'ORDRE**

**Article 7: Organes de l'Ordre**

L'Ordre a trois (3) organes suivants:

1° le Conseil National de l'Ordre;

2° le Bureau du Conseil National de l'Ordre;

3° les Commissions techniques.

**Article 8: Conseil National de l'Ordre**

Le Conseil National de l'Ordre est l'organe suprême de l'Ordre.

**Article 9: Composition du Conseil National de l'Ordre**

Les membres du Conseil National de l'Ordre sont élus par leurs pairs dans chaque Province et dans la Ville de Kigali sur base de l'effectif des pharmaciens enregistrés dans cette zone.

Le règlement d'ordre intérieur de l'Ordre prévoit les modalités de leur élection.

**Article 10: Mandat des membres du Conseil National de l'Ordre**

Les membres du Conseil National de l'Ordre ont un mandat de trois (3) ans renouvelable une (1) seule fois.

Bashobora ariko kongera kwiyamamaza hashize imyaka itanu (5) nyuma ya manda iheruka.

**Ingingo ya 11: Impamvu zituma uri mu nama y'Igihugu y'Urugaga ayivamo**

Imirimo y'ugize Inama y'Igihugu y'Urugaga irangira iyo:

1° manda ye irangiye;

2° yeguye akoresheje inyandiko;

3° atagishoboye gukora imirimo ye kubera ubumuga bw'umubiri cyangwa uburwayi bwo mu mutwe, byemejwe na muganga wemewe na Leta;

4° akatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6) nta subikagihano;

5° asibye inama z'Inama y'Igihugu y'Urugaga inshuro eshatu (3) zikurikirana mu mwaka umwe nta mpamvu zifite ishingiro;

6° abangamiye inyungu z'Urugaga;

7° agaragaje imyitwarire itajyanye n'inshingano ze;

8° bigaragaye ko atacyujuje ibyashingiweho ashyirwa mu Nama y'Igihugu y'Urugaga;

9° yireze akemera icyaha cya jenoside;

They may once again stand for election after five (5) years following the expiry of their previous term of office.

**Article 11: Grounds for termination of membership in the National Council Board**

A person shall cease to be a member of the National Council Board if:

1° his/her term of office expires;

2° he/she resigns in writting;

3° he/she is no longer able to perform his/her duties due to physical or mental disability duly confirmed by an authorized medical doctor;

4° he/she is definitively sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months without suspension;

5° he/she misses three (3) consecutive meetings of the National Council Board in a year without justified reasons;

6° he/she jeopardises the interests of the Council;

7° he/she demonstrates behaviors inconsistent with his/her duties;

8° he/she no longer meets the requirements which were considered at the time of his/her election in the National Council Board;

9° he/she confesses and pleads guilty of the crime of genocide;

Ils peuvent encore une fois se porter candidats après un délai de cinq (5) ans à compter de l'expiration de leur précédent mandat.

**Article 11: Motifs de cessation de la qualité de membre du Conseil National de l'Ordre**

La qualité de membre du Conseil National de l'Ordre cesse dans l'un des cas suivants:

1º expiration du mandat;

2º démission par notification écrite;

3º s'il ne peut plus remplir ses fonctions suite à une incapacité physique ou mentale constatée par un médecin agréé;

4º condamnation définitive à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois sans sursis;

5º trois (3) absences consécutives dans une même année aux réunions du Conseil National de l'Ordre sans raisons valables;

6º agissement contre les intérêts de l'Ordre;

7º comportement incompatible avec ses fonctions;

8º s'il ne remplit plus les conditions sur base desquelles il avait été élu membre du Conseil National de l'Ordre;

9º aveu et plaidoyer de culpabilité pour crime de génocide;

10° ahamwe n'icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenoside;
11° apfuye.

**<u>Ingingo ya 12:</u> Isimburwa ry'ugize Inama y'Igihugu y'Urugaga**

Iyo umwe mu bagize Inama y'Igihugu y'Urugaga atakiri mu mirimo ye asimburwa hakurikijwe uburyo yashyizweho mu gihe kitarenze amezi atatu (3).

Iyo ugize Inama y'Igihugu y'Urugaga avuye ku mirimo ye atarangije manda ye asimburwa mu mwanya we n'undi akarangiza igice cya manda cyari gisigaye iyo kirengeje amezi atandatu (6).

**<u>Ingingo ya 13:</u> Biro y'Inama y'Igihugu y'Urugaga**

Biro y'Inama y'Igihugu y'Urugaga igizwe n'abantu icyenda (9) barimo Perezida na Visi Perezida, Umunyamabanga, Ushinzwe umutungo n'Abajyanama batanu (5).

Uko batorwa bigenwa n'amategeko ngengamikorere y'Urugaga.

**<u>Ingingo ya 14:</u> Komisiyo tekiniki**

Inama y'Igihugu y'Urugaga ifashwa mu kazi kayo na Komisiyo tekiniki.

10° he/she is convicted of the crime of genocide ideology;
11° he/she dies.

**<u>Article 12:</u> Replacement of a member of the National Council Board**

When a member of the National Council Board ceases to be member, he/she shall be replaced within three (3) months under the same conditions as those under which he/she acquired membership.

When a member of the National Council Board ceases to be member before the expiry of his/her term, he/she shall be replaced for the remainder of his/her term if such a remainder is more than six (6) months.

**<u>Article 13</u>: Bureau of the National Council Board**

The Bureau of the National Council Board shall be comprised of nine (9) members including a Chairperson and a Deputy Chairperson, a Secretary, a Treasurer and five (5) Advisors.

Modalities for their election shall be determined by the internal rules and regulations of the Council.

**<u>Article 14</u>: Technical Committees**

In carrying out its responsibilities, the National Council Board shall be assisted by Technical Committees.

10º s'il est reconnu coupable du crime d'idéologie du génocide;
11º décès.

**<u>Article 12:</u> Remplacement d'un membre du Conseil National de l'Ordre**

Lorsqu'un membre du Conseil National de l'Ordre perd sa qualité de membre, il est remplacé endéans trois (3) mois dans les mêmes conditions que celles par lesquelles il a acquis la qualité de membre.

Lorsqu'un membre du Conseil National de l'Ordre perd sa qualité de membre avant l'expiration de son mandat, il est pourvu à son remplacement pour la durée du mandat restant à courir si celle-ci est supérieure à six (6) mois.

**<u>Article 13</u>: Bureau du Conseil National de l'Ordre**

Le Bureau du Conseil National de l'Ordre est composé de neuf (9) membres dont un Président et un Vice-Président, un Secrétaire, un Trésorier et cinq (5) Conseillers.

Les modalités de leur élection sont déterminées par le règlement d'ordre intérieur de l'Ordre.

**<u>Article 14</u>: Commissions techniques**

Dans l'accomplissement de ses attributions, le Conseil National de l'Ordre est assisté par des Commissions techniques.

Imiterere n'imikorere yazo n'uburyo zikora biteganywa n'amategeko ngengamikorere y'Urugaga.

**Ingingo ya 15: Guhagararirwa imbere y'amategeko**

Urugaga rukorera mu nzego zirugize.

Haba imbere y'ubucamanza cyangwa mu bindi bikorwa birebana n'imitunganyirize y'inshingano zarwo, Urugaga ruhagararirwa na Perezida w'Inama y'Igihugu y'Urugaga, ataboneka agasimburwa na Visi Perezida.

**UMUTWE WA III: UBUBASHA N'INSHINGANO BY'INZEGO Z'URUGAGA**

**Icyiciro cya mbere: Ububasha n'inshingano by'inzego z'Urugaga**

**Ingingo ya 16: Ububasha bw'Inama y'Igihugu y'Urugaga**

Inama y'Igihugu y'Urugaga itegura amategeko ngengamikorere n'amahame rusange yerekeranye n'imyifatire myiza, icyubahiro, ibanga, ishema n'ubwitange bya ngombwa mu mikorere y'umwuga, ari na yo agize amahame y'umwuga w'ubuhanga mu by'imiti.

Inama y'Igihugu y'Urugaga ni umuvugizi mu nzego za Leta no mu bikorera, mu bibazo byose birebana n'imikorere y'umwuga w'ubuhanga mu

The organization and functioning of such Committees shall be determined by the internal rules and regulations of the Council.

**Article 15: Legal representation**

The Council shall carry out its mission through its organs.

In legal proceedings and other acts in connection with the fulfillment of its mission, the Council shall be represented by the Chairperson of the National Council Board and, in case of his/her absence, by the Deputy Chairperson.

**CHAPTER III : COMPETENCE AND RESPONSIBILITIES OF THE ORGANS OF THE COUNCIL**

**Section One: Competence and responsibilities of the organs of the Council**

**Article 16: Competence of the National Council Board**

The National Council Board establishes internal rules and regulations and general principles relating to morality, honor, confidentiality, dignity and devotion essential to the practice of the profession and which constitute the Code of pharmacy ethics.

The National Council Board shall serve as an interlocutor with public and private organs with regard to all matters relating to the pharmacy

L'organisation et le fonctionnement de ces Commissions sont déterminés par le règlement d'ordre intérieur de l'Ordre.

**Article 15: Représentation légale**

L'Ordre accomplit sa mission à travers ses organes.

L'Ordre est représenté, tant en justice que dans d'autres actes en rapport avec l'accomplissement de sa mission, par le Président du Conseil National de l'Ordre et en cas d'absence de celui-ci, par le Vice-Président.

**CHAPITRE III : COMPETENCES ET ATTRIBUTIONS DES ORGANES DE L'ORDRE**

**Section première : Compétences et attributions des organes de l'Ordre**

**Article 16 : Compétences du Conseil National de l'Ordre**

Le Conseil National de l'Ordre élabore le règlement d'ordre intérieur et les principes généraux relatifs à la moralité, à l'honneur, à la discrétion, à la dignité et au dévouement indispensables à l'exercice de la profession et qui constituent le Code de déontologie de l'art pharmaceutique.

Le Conseil National de l'Ordre est l'interlocuteur auprès des instances tant publiques que privées en ce qui concerne toutes les questions relatives à

by'imiti.

Inama y'Igihugu y'Urugaga ifatanya n'izindi nzego zose zikora umwuga w'ubuvuzi.

**<u>Ingingo ya 17:</u> Inshingano z'Inama y'Igihugu y'Urugaga**

Inama y'Igihugu y'Urugaga ishinzwe cyane cyane imirimo ikurikira:

1° kugira uruhare mu kugena ireme ry'ibyo umuhanga mu by'imiti agomba kuba ashobora gukora no kugira uruhare mu kugena uburyo inyigisho zikwiye gutangwa mu kwigisha ubuhanga mu by'imiti muri za kaminuza mu Rwanda;

2° gushyiraho amabwiriza agena ubumenyi n'ubushobozi fatizo umuhanga mu by'imiti wese mu cyiciro cye agomba kuba afite;

3° gutanga no kwambura uburenganzira bwo gukora umwuga w'ubuhanga mu by'imiti;

4° kwemeza amafaranga atangwa n'umuntu ushaka kwinjira mu Rugaga;

5° kugena amafaranga y'umusanzu wa buri mwaka utangwa n'umunyamuryango uri ku rutonde rw'Urugaga;

6° kugena uburyo bw'itunganywa

profession.

The National Council Board shall collaborate with all other organs involved in the practice of the medical profession.

**<u>Article 17:</u> Responsibilities of the National Council Board**

In particular, the National Council Board shall be responsible for the following:

1° to participate in the process of defining the quality of potential procedures expected from a pharmacist and to participate in determining standards for pharmacy education at the university level in Rwanda;

2° to set up regulations on the minimum knowledge and skills required for all pharmacists in their respective categories;

3° to grant and revoke the authorization to practice the pharmacy profession;

4° to set subscription fee required for a member of the Council;

5° to set annual contribution to be paid by each member registered on the Register of members of the Council;

6° to determine the conditions for organizing

l'exercice de l'art pharmaceutique.

Le Conseil National de l'Ordre collabore avec tous les autres organes impliqués dans l'exercice de la profession médicale.

**<u>Article 17</u>: Attributions du Conseil National de l'Ordre**

Le Conseil National de l'Ordre est particulièrement chargé de ce qui suit:

1° participer au processus de définition de la qualité des actes éventuels attendus d'un pharmacien et participer à la détermination des normes pour la formation en pharmacie dans les universités au Rwanda;

2° élaborer les règlements quant aux connaissances et compétences minimales requises pour tous les pharmaciens dans leurs catégories respectives ;

3° délivrer et retirer l'autorisation d'exercer l'art pharmaceutique;

4° fixer les frais requis pour l'inscription d'un membre au tableau des membres de l'Ordre ;

5° fixer la cotisation annuelle de chaque membre inscrit au tableau des membres de l'Ordre;

6° arrêter les conditions d'organisation des

ry'amatora, inzira z'ijurira n'iz'ikemura ry'ibibazo;

7° kuba urwego rw'ubujurire ku byemezo byafashwe na Biro y'Inama y'Igihugu y'Urugaga;

8° kwemeza ingengo y'imari n'igenamigambi y'igihe kirambye na gahunda y'ibikorwa biteganywa buri mwaka;

9° gushyigikira ibikorwa n'ibitekerezo bigamije guteza imbere ubuhanga bw'abaturarwanda mu by'imiti.

**<u>Ingingo ya 18</u>: Inshingano za Biro y'Inama y'Igihugu y'Urugaga**

Biro y'Inama y'Igihugu y'Urugaga ifite inshingano zikurikira:

1° gukora ibishoboka byose kugira ngo imirimo y'Urugaga na Komisiyo zarwo itungane;

2° gutunganya buri gihe urutonde rw'abagize Urugaga ;

3° gushyira mu bikorwa amabwiriza n'ibyemezo by'Inama y'Igihugu y'Urugaga;

4° guhagarika igikorwa cyose, amasezerano cyangwa amategeko-shingiro umuhanga mu by'imiti yagiramo uruhare

elections, the procedure of appeal and dispute settlement;

7° to serve as an appellate body for decisions made by the Bureau of the National Council Board;

8° to approve the budget, the long- term planning and annual action plan;

9° to support all activities and initiatives designed to promote the knowledge of Rwanda's residents in the pharmacy profession.

**<u>Article 18:</u> Responsibilities of the Bureau of the National Council Board**

The Bureau of the National Council Board shall have the following responsibilities:

1° to do its utmost to ensure the smooth running of activities of the Council and those of its Committees;

2° to update the Register of members of the Council;

3° to implement instructions, regulations and decisions of the National Council Board;

4° to put an end to any act, contract or statutes to which a pharmacist may be a party but which include clauses that undermine the

élections, la procédure de recours et de règlement des différends;

7° servir d'instance de recours pour les décisions prises par le Bureau du Conseil National de l'Ordre;

8° approuver le budget, la planification à long terme et le plan d'action annuel;

9° appuyer toutes les activités et initiatives visant la promotion des connaissances des résidents du Rwanda en art pharmaceutique.

**<u>Article 18</u>: Attributions du Bureau du Conseil National de l'Ordre**

Le Bureau du Conseil National de l'Ordre a les attributions suivantes :

1° faire de son mieux pour assurer le bon déroulement des activités de l'Ordre et de ses Commissions;

2° tenir à jour le tableau des membres de l'Ordre;

3° mettre en application les règlements, les instructions et les décisions du Conseil National de l'Ordre;

4° mettre fin à tout acte, contrat ou statuts auquel un pharmacien peut être partie prenante et dont les clauses peuvent

n'ibikubiyemo bishobora kubangamira amahame agenga umwuga w'ubuhanga mu by'imiti;
5° kumenyesha ubuyobozi bubigenewe ibikorwa byo mu mwuga w'ubuhanga mu by'imiti yamenye ko binyuranyije n'amategeko no kubifatira ibihano byo mu rwego rw'umurimo;
6° guhana amakosa umuhanga mu by'imiti yakoze ari mu kazi kimwe n'amakosa akomeye yakora atajyanye n'umwuga we ariko ashobora kuwutesha icyubahiro n'ishema;
7° gushyira mu bikorwa ibyemezo bifatwa n'inzego z'Urugaga zirebwa n'imyifatire y'abahanga mu by'imiti;
8° guha akazi no gusezerera abakozi b'Urugaga no kubagenera inshingano n'umushahara hakurikijwe amategeko abigenga;
9° gukora undi murimo wose Inama y'Igihugu y'Urugaga yasanga ari ngombwa ujyanye n'inshingano zayo.

**Icyiciro cya 2: Amahugurwa n'isuzumabumenyi**

**Ingingo ya 19: Amahugurwa**

Inama y'Igihugu y'Urugaga ishyiraho uburyo bwo guhugura buri muhanga mu by'imiti hagamijwe kumwongerera ubumenyi ku buryo buhoraho.

principles of pharmacy ethics ;
5° to report to relevant authorities acts of illegal practice of the pharmacy profession that come to its knowledge and take disciplinary measures accordingly;
6° to impose disciplinary sanctions for professional misconduct committed by a pharmacist as well as serious misconduct committed outside the course of professional practice but that are likely to undermine the honor and dignity of the pharmacy profession;
7° to enforce any disciplinary measure taken by the organs of the Council responsible for the ethics of pharmacists;
8° to hire and dismiss staff of the Council and determine their duties and set their remuneration in accordance with the relevant laws;
9° to perform any other duty falling within its responsibilities as may be deemed necessary by the National Council Board.

**Section 2: Training and knowledge evaluation**

**Article 19: Training**

The National Council Board shall put in place a training system for each pharmacist to enhance his/her knowledge on an ongoing basis.

compromettre les principes de la déontologie pharmaceutique;
5° signaler aux autorités compétentes les actes d'exercice illégal de l'art pharmaceutique dont il a eu connaissance et prendre les mesures disciplinaires en conséquence;
6° sanctionner les fautes professionnelles commises par un pharmacien ainsi que les fautes lourdes commises en dehors de l'activité professionnelle mais de nature à entacher l'honneur et la dignité de l'art pharmaceutique;
7° exécuter les mesures disciplinaires prises par les organes de l'Ordre chargés de l'éthique des pharmaciens;
8° engager et licencier le personnel de l'Ordre et fixer ses attributions ainsi que ses rémunérations conformément aux lois en la matière;
9° exécuter toute autre tâche que le Conseil National de l'Ordre jugerait nécessaire et relevant de ses attributions.

**Section 2: Formation et évaluation des connaissances**

**Article 19: Formation**

Le Conseil National de l'Ordre met en place un système de formation de chaque pharmacien en vue de renforcer ses connaissances de façon continue.

Buri muhanga mu by'imiti agomba kwiyongerera ubumenyi kandi agakorerwa isuzuma ry'ubumenyi n'uburyo akora akazi ke.

**Ingingo ya 20: Isuzumabumenyi**

Inama y'Igihugu y'Urugaga ishyiraho uburyo bwo gukora isuzumabumenyi n'inzego zirikora kandi igakurikirana uko rikorwa.

Uburyo isuzumabumenyi rikorwa bugenwa n'amategeko ngengamikorere y'Urugaga.

Buri muhanga mu by'imiti agomba kugeza nibura ku manota yagenwe n'Inama y'Igihugu y'Urugaga kugira ngo ashobore gukora ku buryo bwemewe umwuga w'ubuhanga mu by'imiti.

**Ingingo ya 21 : Ibyemezo ku isuzumabumenyi**

Iyo umuhanga mu by'imiti atagejeje ku manota yagenwe, Inama y'Igihugu y'Urugaga ifata kimwe cyangwa byinshi mu byemezo bikurikira:

1° kumushyira muri gahunda yihariye y'amahugurwa ahoraho;
2° kumukoresha ikizamini cyanditse;
3° kumuha umuhanga mu by'imiti umugenzura mu mikorere ye cyangwa akagira ibyo atemererwa gukora;
4° kumukura ku rutonde rw'abagize Urugaga.

Each pharmacist must enhance his/her knowledge and be subject to a knowledge and performance assessment.

**Article 20: Knowledge assessment**

The National Council Board shall put in place a knowledge assessment system, organs responsible for conducting such assessment and monitor its conduct.

The internal rules and regulations of the Council shall determine modalities for conducting the assessment.

Each pharmacist must obtain the minimum score as determined by the National Council Board for him/her to be duly authorized to practice the pharmacy profession.

**Article 21: Post-knowledge assessment measures**

When a pharmacist fails to obtain the required score, the National Council Board shall take one or more of the following measures:

1° to subject him/her to a specific ongoing training program;
2° to require him/her to sit for a written examination;
3° to require him/her to work under the supervision of another pharmacist or to impose him/her some restrictions;
4° to remove his/her name from the Register of members of the Council.

Tout pharmacien doit renforcer ses connaissances et faire l'objet d'une évaluation des connaissances et des performances.

**Article 20: Evaluation des connaissances**

Le Conseil National de l'Ordre met en place un système d'évaluation des connaissances, des organes chargés de réaliser cette évaluation et en fait le suivi.

Le règlement d'ordre intérieur de l'Ordre détermine les modalités de réalisation de cette évaluation.

Tout pharmacien doit obtenir le minimum de points déterminé par le Conseil National de l'Ordre pour être dûment autorisé à exercer l'art pharmaceutique.

**Article 21: Mesures prises après l'évaluation des connaissances**

Lorsqu'un pharmacien ne parvient pas à obtenir la note requise, le Conseil National de l'Ordre prend une ou plusieurs des mesures suivantes :

1° le soumettre à un programme spécifique de formation continue ;
2° le faire subir un examen écrit ;
3° le faire travailler sous la supervision d'un autre pharmacien ou ne pas lui autoriser certains actes;
4° le rayer du tableau des membres de l'Ordre.

**UMUTWE WA IV: IMIKORERE Y'INZEGO Z'URUGAGA**

**Ingingo ya 22: Uyobora Inama y'Igihugu y'Urugaga**

Perezida w'Inama y'Igihugu y'Urugaga ayobora imirimo y'Inama y'Igihugu y'Urugaga, yaba atabonetse ikayoborwa na Visi-Perezida.

**Ingingo ya 23: Inama z'Inama y'Igihugu y'Urugaga**

Uburyo inama z'Inama y'Igihugu y'Urugaga zitegurwa, uburyo ibyemezo bifatwa n'ibihano by'abatitabiriye inama biteganywa n'amategeko ngengamikorere y'Urugaga.

**Ingingo ya 24: Itumira ry'inzobere mu nama z'Inama y'Igihugu y'Urugaga**

Igamije kurangiza inshingano zayo, Inama y'Igihugu y'Urugaga ishobora gutumira mu nama zayo umuntu wese ibona ashobora kuyungura inama ku ngingo runaka ifite ku murongo w'ibyigwa. Uwatumiwe ntiyemerewe gutora no gukurikirana iyigwa ry'izindi ngingo ziri ku murongo w'ibyigwa.

**Ingingo ya 25: Kohereza urutonde rw'abahanga mu by'imiti bagize Urugaga**

Mbere y'itariki ya 31 Nyakanga ya buri mwaka,

**CHAPITRE IV: FUNCTIONING OF THE ORGANS OF THE COUNCIL**

**Article 22: Chairperson of the National Council Board**

The activities of the National Council Board shall be led by the Chairperson of the National Council Board and, in his/her absence, by the Deputy Chairperson.

**Article 23: Meetings of the National Council Board**

Modalities for preparing the meetings of the National Council Board, procedures for taking decisions and sanctions for absence from meetings shall be determined by the Internal Rules and Regulations of the Council.

**Article 24: Invitation of a resource person in the meetings of the National Council Board**

In order to carry out its responsibilities, the National Council Board may invite to its meetings any person whose opinion may be useful for the consideration of a particular item on the agenda. The invited person cannot participate in vote or discussions on other items on the agenda.

**Article 25: Transmission of the register of pharmacists members of the Council**

Before 31st July of each year, the Bureau of the

**CHAPITRE IV: FONCTIONNEMENT DES ORGANES DE L'ORDRE**

**Article 22: Président du Conseil National de l'Ordre**

Les travaux du Conseil National de l'Ordre sont dirigés par le Président du Conseil National de l'Ordre et, en cas de son absence, par le Vice-Président.

**Article 23: Réunions du Conseil National de l'Ordre**

Les modalités de préparation des réunions du Conseil National de l'Ordre et de prise de décisions ainsi que les sanctions en cas d'absence aux réunions sont déterminées par le règlement d'ordre intérieur de l'Ordre.

**Article 24: Invitation d'une personne ressource aux réunions du Conseil National de l'Ordre**

En vue de l'accomplissement de ses attributions, le Conseil National de l'Ordre peut inviter à ses réunions toute personne dont l'avis serait jugé utile pour l'examen d'un point donné figurant à l'ordre du jour. La personne invitée ne peut participer ni au vote ni aux discussions sur les autres points à l'ordre du jour.

**Article 25: Transmission du tableau des pharmaciens membres de l'Ordre**

Avant le 31 juillet de chaque année, le Bureau du

Biro y'Inama y'Igihugu y'Urugaga yohereza Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze urutonde rw'abahanga mu by'imiti bagize Urugaga rwatunganyijwe ku itariki ya 30 Kamena z'uwo mwaka rukanatangazwa.

Isibwa cyangwa se ikurwa ry'umuhanga mu by'imiti ku rutonde rimenyeshwa urwego rwavuzwe haruguru kandi rigatangazwa.

**Ingingo ya 26: Ubunyamabanga Buhoraho**

Kugira ngo Urugaga rushobore kuzuza inshingano zarwo, Biro y'Inama y'Igihugu y'Urugaga yunganirwa mu mirimo yayo ya buri munsi n'Ubunyamabanga Buhoraho.

Inshingano n'imikorere y'Ubunyamabanga Buhoraho bw'Urugaga bigenwa n'amategeko ngengamikorere y'Urugaga.

**UMUTWE WA V: IMYITWARIRE N'IBIHANO**

**Ingingo ya 27: Ibihano byo mu rwego rw'imyifatire**

Ibihano bigenwa n'inzego z'Urugaga bijyanye n'imyifatire y'abahanga mu by'imiti ni:

1. kwihanangirizwa ;
2. kugawa;
3. guhagarikwa by'agateganyo ku kazi mu gihe kitarengeje amezi cumi n'abiri (12);

National Council Board shall transmit to the Minister in charge of health the Register of members of the Council drawn up on 30 June of the same year, which register must be published.

Any deletion or removal of a pharmacist from the register shall be notified to the authority referred to above and must be published.

**Article 26: Permanent Secretariat**

For the Council to carry out its mission, the Bureau of the National Council Board shall be assisted in its daily activities by a Permanent Secretariat.

Responsibilities and the functioning of the Permanent Secretariat of the Council shall be determined by the internal rules and regulations of the Council.

**CHAPTER V: CODE OF ETHICS AND DISCIPLINARY MEASURES**

**Article 27: Disciplinary measures**

Disciplinary measures that may be taken by the organs of the Council against pharmacists shall be as follows:

1. warning ;
2. reprimand ;
3. temporary suspension of practice for a period not exceeding twelve (12) months ;

Conseil National de l'Ordre transmet au Ministre ayant la santé dans ses attributions le tableau des membres de l'Ordre arrêté au 30 juin de la même année, lequel tableau doit être publié.

Toute suppression ou radiation d'un pharmacien du tableau est notifiée à l'autorité précitée et doit être publiée.

**Article 26: Secrétariat Permanent**

Pour l'accomplissement de la mission de l'Ordre, le Bureau du Conseil National de l'Ordre est assisté dans ses activités quotidiennes par un Secrétariat Permanent.

Les attributions et le fonctionnement du Secrétariat Permanent de l'Ordre sont déterminés par le règlement d'ordre intérieur de l'Ordre.

**CHAPITRE V: CODE D'ETHIQUE ET SANCTIONS DISCIPLINAIRES**

**Article 27: Sanctions disciplinaires**

Les sanctions disciplinaires que les organes de l'Ordre peuvent infliger aux pharmaciens sont les suivantes:

1. avertissement ;
2. blâme ;
3. suspension temporaire de l'exercice pour un délai ne dépassant pas

4. kuvanwa ku rutonde rw'Urugaga.

Buri gihano mu byavuzwe hejuru kimenyeshwa Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze.

Mbere y'uko afatirwa icyemezo, umuhanga mu by'imiti bireba agomba kuba yarahawe umwanya wo kwisobanura imbere y'urwego rufite ububasha bwo kumuha icyo gihano.

**Ingingo ya 28: Ingaruka zo guhagarikwa by'agateganyo**

Umuhanga mu by'imiti wafatiwe icyemezo cyo guhagarikwa by'agateganyo ku murimo w'ubuhanga mu by'imiti aba yambuwe uburenganzira bwo gutora no gutorwa mu nzego z'Urugaga mu gihe cy'imyaka itatu (3).

**Ingingo ya 29: Gukurwa mu mwanya nta mpaka**

Umuhanga mu by'imiti watowe, mu rwego urwo arimo rwose rw'Urugaga, akurwa nta mpaka mu mwanya arimo, iyo:

1° yafatiwe icyemezo cyo guhagarikwa by'agateganyo;

2° yakuwe ku rutonde rw'Urugaga;

3° yakatiwe n'urukiko ku buryo budasubirwaho igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6).

4. removal from the register of members of the Council.

Each disciplinary measure provided above shall be notified to the Minister in charge of health.

Before any disciplinary measure is taken against a pharmacist, he/she must be given the opportunity to be heard by the organ with the power to impose such a measure against him/her.

**Article 28: Consequences of temporary suspension**

A pharmacist who is subject to a disciplinary measure of temporary suspension of practice of the pharmacy profession shall be deprived of his/her right to vote and be elected in the organs of the Council for a period of three (3) years.

**Article 29: Automatic removal from office**

A pharmacist elected on any organ of the Council shall be subject to automatic removal from office if:

1° he/she is subject to a disciplinary measure of temporary suspension;

2° he/she was removed from the Register of members of the Council;

3° he/she has been definitively sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months.

douze (12) mois ;

4. radiation du tableau des membres de l'Ordre.

Chacune des sanctions disciplinaires précitées sont notifiées au Ministre ayant la santé dans ses attributions.

Avant de se voir infliger une sanction, tout pharmacien concerné doit avoir été donné l'occasion d'être entendu par l'organe habilité à lui infliger cette sanction.

**Article 28: Conséquences de la suspension temporaire**

**Section 2: Donation, advertisement and exhibition of food products**

**LOI N°47/2012 DU 14/01/2013 PORTANT REGLEMENTATION ET INSPECTION DES PRODUITS ALIMENTAIRES ET PHARMACEUTIQUES**

**TABLE DES MATIERES**

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

**Article 2: Définitions des termes**

**Article 3: Enregistrement des activités et des locaux**

**Article 4: Permis d'exercice**

**CHAPITRE II : PRODUITS ALIMENTAIRES**

**Section première : Réglementation des produits alimentaires et hygiène alimentaire**

**Article 5: Réglementation des produits alimentaires**

**Article 6 : Hygiène des produits alimentaires destinés à la vente**

**Section 2 : Don, publicité et exposition des produits alimentaires**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 7: Impano z'ibiribwa** | **Article 7: Donation of food products** | **Article 7 : Dons des produits alimentaires** |
| **Ingingo ya 8 : Kwamamaza no kumurika ibiribwa** | **Article 8: Advertisement and exhibition of food products** | **Article 8 : Publicité et exposition des produits alimentaires** |
| **Ingingo ya 9: Ubucuruzi bw'ibiribwa bitujuje ibyangombwa** | **Article 9: Trade in food products that do not meet required standards** | **Article 9 : Commerce des produits alimentaires ne répondant pas aux normes requises** |
| **Ingingo ya 10: Kurinda abakoresha ibiribwa** | **Article 10: Protection of food products consumers** | **Article 10 : Protection des consommateurs des produits alimentaires** |
| **Ingingo ya 11:Uburiganya mu kugurisha ibiribwa** | **Article 11: Fraudulent practices in the sale of food products** | **Article 11: Pratiques frauduleuses en matière de vente des produits alimentaires** |
| **UMUTWE WA III: IMITI** | **CHAPTER III: PHARMACEUTICAL PRODUCTS** | **CHAPITRE III : PRODUITS PHARMACEUTIQUES** |
| **Ingingo ya 12: Isuku y'umuti** | **Article 12: Hygiene requirements for a pharmaceutical product** | **Article 12 : Conditions d'hygiène pour un produit pharmaceutique** |
| **Ingingo ya 13: Imiti yatanzweho amabwiriza** | **Article 13: Regulated pharmaceutical products** | **Article 13: Produits pharmaceutiques réglementés** |
| **Ingingo ya 14: Umuti ufatwa nk'urugero rw'indi miti** | **Article 14: Sample pharmaceutical product** | **Article 14: Produit pharmaceutique servant d'échantillon** |
| **UMUTWE WA IV: IBINTU BINOZA KANDI BISUKURA UMUBIRI** | **CHAPTER IV: COSMETICS** | **CHAPITRE IV : PRODUITS COSMETIQUES** |
| **Icyiciro cya mbere: Ibibujijwe** | **Section One: Prohibitions** | **Section première: Interdictions** |
| **Ingingo ya 15: Urutonde rw'ibintu binoza kandi bisukura umubiri** | **Article 15: List of cosmetics** | **Article 15: Liste des produits cosmétiques** |
| **Ingigno ya 16: Ibitemewe bijyanye n'ibintu** | **Article 16: Prohibited acts in connection with** | **Article 16: Actes interdits en matière de** |

| | | |
|---|---|---|
| **binoza kandi bisukura umubiri** | **cosmetics** | **produits cosmétiques** |
| **Ingingo ya 17: Ibibujijwe bigize ibintu binoza kandi bisukura umubiri** | **Article 17: Prohibited cosmetic ingredients** | **Article 17: Ingrédients des produits cosmétiques interdits** |
| **Icyiciro cya 2: Amabwiriza ku bintu binoza kandi bisukura umubiri by'ibyiganano** | **Section 2: Regulations on counterfeit cosmetics** | **Section 2: Règlements applicables aux produits cosmétiques contrefaits** |
| **Ingingo ya 18: Amabwiriza ku bintu binoza kandi bisukura umubiri** | **Article 18: Standards prescribed for cosmetics** | **Article 18 Normes à l'égard des produits cosmétiques** |
| **Ingingo ya 19: Kubuza gukora, kubika, kugurisha no gutanga ibintu binoza kandi bisukura umubiri bihumanya** | **Article 19: Prohibition of manufacturing, storing, sale and distribution of toxic cosmetics** | **Article 19: Interdiction de fabriquer, de stocker, de vendre et de distribuer des produits cosmétiques toxiques** |
| **Ingingo ya 20: Ibintu binoza kandi bisukura umubiri by'ibyiganano** | **Article 20: Counterfeit cosmetics** | **Article 20: Produits cosmétiques contrefaits** |
| **UMUTWE WA V: IBIKORESHO BYO MU BUVUZI** | **CHAPTER V: MEDICAL DEVICES** | **CHAPITRE V : DISPOSITIFS MEDICAUX** |
| **Ingingo ya 21: Urutonde rw'ibikoresho byo mu buvuzi** | **Article 21: List of medical devices** | **Article 21: Liste des dispositifs médicaux** |
| **Ingingo ya 22: Ibibujijwe bijyanye n'ibikoresho byo mu buvuzi** | **Article 22: Prohibitions in connection with medical devices** | **Article 22: Interdictions en matière de dispositifs médicaux** |
| **Ingingo ya 23: Ibibujijwe bigize ibikoresho byo mu buvuzi** | **Article 23: Prohibited parts of medical devices** | **Article 23: Pièces interdites dans les dispositifs médicaux** |
| **Ingingo ya 24: Amabwiriza ku bikoresho byo mu buvuzi** | **Article 24: Regulations on medical devices** | **Article 24: Règlements applicables aux dispositifs médicaux** |
| **Ingingo ya 25: Ibikoresho byo mu buvuzi by'ibyiganano** | **Article 25: Counterfeit medical devices** | **Article 25: Dispositifs médicaux contrefaits** |

**UMUTWE WA VI: IKORWA RY'IMIRIMO YEREKEYE IMITI N'IBIKORESHO BYO MU BUVUZI**

**Ingingo ya 26: Ibisabwa mu iyandikwa ry'imiti n'ibikoresho byo mu buvuzi.**

**Ingingo ya 27: Itangazwa ry'imiti n'ibikoresho byo mu buvuzi byanditse**

**Ingingo ya 28: Icyemezo cyo kwandikisha umuti n'igikoresho cyo mu buvuzi**

**Ingingo ya 29: Gukurwa ku rutonde kw'imiti n'ibikoresho byo mu buvuzi byanditswe**

**Ingingo ya 30: Igeragezwa ry'imiti n'ibikoresho byo mu buvuzi**

**Ingingo ya 31: Kwemererwa gukora umwuga w'ubuhanga mu by'imiti**

**Ingingo ya 32: Uruhushya rwo gutunga no gukora muri farumasi**

**UMUTWE WA VII: GUKORA, GUTUMIZA, KOHEREZA, KUBIKA NO GUTANGA IBIGENWA N'IRI TEGEKO**

**CHAPTER VI: EXERCISING ACTIVITIES RELATED TO PHARMACEUTICAL PRODUCTS AND MEDICAL DEVICES**

**Article 26: Requirements for registration of pharmaceutical products and medical devices**

**Article 27: Publication of registered pharmaceutical products and medical devices**

**Article 28: Certificate of registration of a pharmaceutical product and a medical device**

**Article 29: Removal from the list of registered pharmaceutical products and medical devices**

**Article 30: Pharmaceutical products and medical devices clinical trials**

**Article 31: License to practice pharmacy profession**

**Article 32: License for pharmacy ownership and practice**

**CHAPTER VII : MANUFACTURE, IMPORT, EXPORT, STORAGE AND DISTRIBUTION OF ITEMS REGULATED UNDER THIS**

**CHAPITRE VI: EXRECICE D'ACTIVITES EN RAPPORT AVEC DES PRODUITS PHARMACEUTIQUES ET DES DISPOSITIFS MEDICAUX**

**Article 26 : Conditions d'enregistrement des produits pharmaceutiques et des dispositifs médicaux**

**Article 27: Publication des produits pharmaceutiques et des dispositifs médicaux enregistrés**

**Article 28: Certificat d'enregistrement d'un produit pharmaceutique et d'un dispositif médical**

**Article 29: Radiation de la liste des produits pharmaceutiques et des dispositifs médicaux enregistrés**

**Article 30: Essais cliniques sur les produits pharmaceutiques et les dispositifs médicaux**

**Article 31: Permis d'exercice de l'art pharmaceutique**

**Article 32: Permis d'être propriétaire et d'exercice d'une pharmacie**

**CHAPITRE VII: FABRICATION, IMPORTATION, EXPORTATION, STOCKAGE ET DISTRIBUTION**

| | | |
|---|---|---|
| | **LAW** | **D'ARTICLES REGLEMENTES PAR LA PRESENTE LOI** |
| **Ingingo ya 33: Gukora ibigengwa n'iri tegeko** | **Article 33: Manufacture of items regulated under this Law** | **Article 33: Fabrication des articles réglementés par la présente loi** |
| **Ingingo ya 34: Gutumiza no kohereza mu mahanga** | **Article 34: Import and export** | **Article 34: Importation et exportation** |
| **Ingingo ya 35: Gutumiza mu mahanga no kwinjiza mu gihugu imiti n'ibikoresho byo mu buvuzi ku mpamvu zidasanzwe** | **Article 35: Import and introduction of pharmaceutical products and medical devices for special purposes** | **Article 35: Importation et introduction des produits pharmaceutiques et des dispositifs médicaux aux fins spéciales** |
| **Ingingo ya 36: Ibihe bidasanzwe** | **Article 36: Emergency situations** | **Article 36: Situation d'urgence** |
| **Ingingo ya 37: Gutanga imiti n'ibikoresho byo mu buvuzi** | **Article 37: Supply of pharmaceutical products and medical devices** | **Article 37: Fourniture des produits pharmaceutiques et des dispositifs médicaux** |
| **Ingingo ya 38 : Imiti itujuje ibisabwa** | **Article 38: Unfit pharmaceutical products** | **Article 38: Produits pharmaceutiques impropres** |
| **Ingingo ya 39: Gutanga umuti** | **Article 39: Dispensation of a pharmaceutical product** | **Article 39: Délivrance d'un produit pharmaceutique** |
| **Ingingo ya 40 : Kwigana umuti** | **Article 40: Pharmaceutical product counterfeiting** | **Article 40: Contrefaçon d'un produit pharmaceutique** |
| **Ingingo ya 41: Imiterere n'ikoreshwa ry'urupapuro mpesha- muti** | **Article 41: Nature and use of medical prescription** | **Article 41: Nature et usage de la prescription médicale** |
| **Ingingo ya 42: Urutonde rw'imiti y'ibanze** | **Article 42: Essential pharmaceutical products list** | **Article 42: Liste des produits pharmaceutiques essentiels** |
| **Ingingo ya 43 : Imiti igenzurwa ku buryo bw'umwihariko** | **Article 43: Controlled pharmaceutical products** | **Article 43: Produits pharmaceutiques placés sous contrôle** |

| | | |
|---|---|---|
| **UMUTWE WA VIII: UBUGENZUZI BW'IMITI** | **CHAPTER VIII: INSPECTION OF PHARMACEUTICAL PRODUCTS** | **CHAPITRE VIII: INSPECTION DE PRODUITS PHARMACEUTIQUES** |
| **Icyiciro cya mbere: Urwego rw'Ubugenzuzi n'inshingano zarwo** | **Section One: Inspection Department and its responsibilities** | **Section première: Service d'Inspection et ses attributions** |
| **Ingingo ya 44 : Urwego rw'Ubugenzuzi** | **Article 44: Inspection Department** | **Article 44: Service d'Inspection** |
| **Ingingo ya 45: Inshingano z'Urwego rw'Ubugenzuzi** | **Article 45: Responsibilities of the Inspection Department** | **Article 45: Attributions du Service d'Inspection** |
| **Ingingo ya 46: Kugira ibanga ry'amakuru** | **Article 46: Obligation to keep information confidential** | **Article 46: Obligation au secret des informations** |
| **Icyiciro cya 2 :Ubufatanye no guhanahana amakuru** | **Section 2: Cooperation and exchange of information** | **Section 2: Coopération et échange d'informations** |
| **Ingingo ya 47: Ubufatanye bw'inzego** | **Article 47: Cooperation between organs** | **Article 47: Coopération entre les organes** |
| **Ingingo ya 48: Guhanahana amakuru** | **Article 48: Exchange of information** | **Article 48: Echange d'informations** |
| **UMUTWE WA IX: KWAMAMAZA** | **CHAPTER IX: ADVERTISING** | **CHAPITRE IX: PUBLICITE** |
| **Ingingo ya 49: Amabwiriza agenga ibikorwa byo kwamamaza** | **Article 49: Regulations applicable to advertising activities** | **Article 49: Règlements applicables aux activités publicitaires** |
| **UMUTWE WA X: INGINGO ZISOZA** | **CHAPTER X: FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE X: DISPOSITIONS FINALES** |
| **Ingingo ya 50: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko** | **Article 50: Drafting, consideration and adoption of this Law** | **Article 50: Initiation, examen et adoption de la présente loi** |
| **Ingingo 51: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko** | **Article 51: Repealing of inconsistent provisions** | **Article 51: Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 52: Igihe ritegeko ritangira** | **Article 52: Commencement** | **Article 52: Entrée en vigueur** |

**gukurikizwa**

**ITEGEKO N°47/2012 RYO KUWA 14/01/2013 RIGENGA IMICUNGIRE N'IGENZURA RY'IBIRIBWA N'IMITI**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 7 Ukuboza 2012;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nkuko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 62, iya 66, iya 67, iya 90, iya 92, iya 93, iya 108, iya 190 n'iya 201;

Ishingiye ku Masezerano ku biyobyabwenge y'i New York yo kuwa 30 Werurwe 1961, nk'uko yahinduwe n'Amasezerano y'ingereka yo kuwa 25 Werurwe 1972 yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 172/14 ryo kuwa 16.07/1981;

**LAW N°47/2012 OF 14/01/2013 RELATING TO THE REGULATION AND INSPECTION OF FOOD AND PHARMACEUTICAL PRODUCTS**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 7 December 2012;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 62, 66, 67, 90, 92, 93, 108, 190 and 201;

Pursuant to the Single Convention on Narcotic Drugs adopted in New York on 30 March 1961 as amended by the Protocol of 25 March 1972 and ratified by the Presidential Order n° 172/14 of 16/04/1981;

**LOI N°47/2012 DU 14/01/2013 PORTANT REGLEMENTATION ET INSPECTION DES PRODUITS ALIMENTAIRES ET PHARMACEUTIQUES**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT :**

La Chambre des Députés, en sa séance du 7 décembre 2012;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 66, 67, 90, 92, 93, 108, 190 et 201;

Vu la Convention unique sur les stupéfiants adoptée à New York le 30 mars 1961 telle que modifiée par le Protocole du 25 mars 1972 et ratifiée par Arrêté Présidentiel n° 172/14 du 16/04/1981;

Ishingiye ku masezerano y'i Vienne yerekeye urusobe rw'imiti ikoreshwa nk'ibiyobyabwenge yo kuwa 21 Gashyantare 1971 yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 172/14 ryo kuwa 16/04/1981;

Ishingiye ku Masezerano y'Umuryango w'Abibumbye arwanya ubucuruzi bw'ibiyobyabwenge n'urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo yo kuwa 19 Ukuboza 1988 yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 47/01 ryo ku wa 14/04/2002, cyane cyane mu ngingo zayo, iya 3, iya 4, iya 5, iya 6 n' iya 12,;

Ishingiye ku itegeko n° 10/98 ryo kuwa 28/10/1998 ryerekeye ubuhanga bwo kuvura;

Ishingiye ku Itegeko n° 31/2009 ryo kuwa 26/10/2009 rigamije kurengera umutungo bwite mu by'ubwenge;

Ishingiye ku Itegeko n° 03/2012 ryo kuwa 15/02/2012 rigena imikoreshereze y'ibiyobyabwenge n'urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo mu Rwanda;

Isubiye ku itegeko n° 12/2009 ryo kuwa 02/07/1999 ryerekeye ubuhanga mu by'imiti;

**YEMEJE:**

Pursuant to the Vienna Convention on Psychotropic Substances of 21 February 1971 as ratified by the Presidential Order n° 172/14 of 16/04/1981;

Pursuant to the United Nations Convention against Illicit Traffic in Narcotic Drugs and Psychotropic Substances of 19 December 1988 as ratified by the Presidential Order n° 47/01 of 14/04/2002, especially in Articles 3, 4, 5, 6 and 12;

Pursuant to Law n° 10/98 of 28/10/1998 establishing the practice of the art of healing;

Pursuant to Law n° 31/2009 of 26/10/2009 on the protection of intellectual property;

Pursuant to Law n° 03/2012 du 15/02/2012 governing narcotic drugs, psychotropic substances and precursors in Rwanda;

Having reviewed Law n° 12/99 of 02/07/1999 relating to the pharmaceutical art;

**ADOPTS:**

Vu la *C*onvention de Vienne du 21 février 1971 sur les substances psychotropes telle que ratifiée par Arrêté Présidentiel n° 172/14 du 16/04/1981;

Vu la Convention des Nations Unies contre le trafic illicite de stupéfiants et de substances psychotropes du 19 décembre 1988 telle que ratifiée par Arrêté Présidentiel n° 47/01 du 14/04/2002, spécialement en ses articles 3, 4, 5, 6 et 12;

Vu la Loi n° 10/98 du 28/10/1998 portant exercice de l'art de guérir;

Vu la Loi n° 31/2009 du 26/10/2009 portant protection de la propriété intellectuelle ;

Vu la Loi n° n°03/2012 du 15/02/2012 portant réglementation des stupéfiants, substances psychotropes et précurseurs au Rwanda ;

Revu la Loi n° 12/99 du 02/07/1999 relative à l'art pharmaceutique ;

**ADOPTE :**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rigena imicungire n'igenzura ry'ibiribwa n'imiti.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko amagambo akurikira asobanura:

1° **farumakope**: igitabo ngenderwaho kirimo amabwiriza agomba gukurikizwa mu gihe cy'ikorwa ry'umuti, cy'ibiwugize, kuwusuzuma, kuwubika no kumenya imikoreshereze yawo;

2° **farumasi**: ahantu hose hemewe gukorerwa umwuga w'ubuhanga mu by'imiti;

3° **farumasiye ushinzwe farumasi**: umuntu wahawe inshingano zose zo gucunga farumasi idandaza, farumasi iranguza, uruganda rukora imiti;

4° **ibigengwa n'iri tegeko**: imiti, ibiribwa, ibikoresho byo mu buvuzi, ibihumanya n'ibinoza kandi bisukura umubiri;

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

This Law relates to the regulation and inspection of food and pharmaceutical products.

**Article 2 : Definitions of terms**

The following terms in this Law shall have the following meanings:

1° **pharmacopoeia:** a reference book containing directions for the manufacture, composition, testing, storage and description of instructions for the use of a pharmaceutical product;

2° **pharmacy:** any licensed location used for the practice of the pharmacy profession;

3° **head pharmacist:** a person given the full responsibility of managing a retailing pharmacy, a wholesale pharmacy or a pharmaceutical plant;

4° **items regulated under this Law**: pharmaceutical and food products, medical devices, poisons and cosmetics;

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier : Objet de la présente loi**

La présente loi porte règlementation et inspection des produits alimentaires et pharmaceutiques.

**Article 2 : Définitions des termes**

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:

1° **pharmacopée :** un livre de référence comportant des instructions relatives à la fabrication, à la composition, à l'essai, à la conservation et à la description du mode d'emploi d'un produit pharmaceutique ;

2° **pharmacie :** tout lieu agréé servant à l'exercice de l'art pharmaceutique ;

3° **pharmacien responsable :** une personne chargée d'assumer pleinement la responsabilité de gérer une pharmacie de détail, une pharmacie de vente en gros ou une usine pharmaceutique;

4° **articles réglementés par la présente loi**: produits pharmaceutiques et alimentaires, dispositifs médicaux, poisons et produits cosmétiques;

5° **ibintu binoza kandi bisukura umubiri**: ibintu byose bikoreshwa hakoreshejwe gusirita ku mubiri, gusukaho, kwuka, gutonyangirizaho, gutumuriraho cyangwa ubundi buryo bwakoreshwa ku mubiri w'umuntu cyangwa ku kindi gice cy'umubiri mu koza no gushaka uburanga, kureshya cyangwa guhindura isura. Birimo kandi ikindi kintu cyose cyigenewe gukoreshwa nka kimwe mu bigize ibintu byisigwa, hatarimo ibikoreshwa mu gusuzuma, kuvura cyangwa gukingira indwara;

6° **ibiribwa**: ibintu byose bitari umuti, ibintu binoza kandi bisukura umubiri bitari n'itabi bikoreshwa nk'ibiribwa cyangwa binyobwa n'abantu kandi bibarirwamo n'ikindi cyose gikoreshwa mu ikorwa cyangwa ihindurwa ry' ibiribwa;

7° **igikoresho cyo mu buvuzi**: ikintu cyose gikoreshwa mu buvuzi hagamijwe gusuzuma, gupima, kuvura, kubaga cyangwa kubungabunga ubuzima;

8° **ikintu gihumanya**: ikintu cyose cyagaragajwe ku rutonde rw'ibintu bihumanya ruteganywa muri iri tegeko;

9° **ikirango** : ikimenyetso kiranga farumasi ;

5° **cosmetics:** any kind of products intended to be used by means of rubbing, pouring, steaming, sprinkling, spraying on or otherwise applied to the human body or any other part thereof for cleansing, beautifying, promoting attractiveness or altering the appearance. They also include any other product intended for use as a component of a product applied to the body with the exception of products intended for use in the diagnosis, treatment or prevention of diseases;

6° **food products:** any items other than pharmaceutical products, cosmetics and tobacco used as food or drink for human beings and include any substance used in the manufacture or treatment of food;

7° **medical device:** any device used in the medical field for the purpose of diagnosis, testing, cure, surgery or health protection;

8° **poisonous product:** any substance specified in the poisons list set forth under this Law;

9° **label:** a sign used to distinguish a pharmacy;

5° **produits cosmétiques :** toute sorte de produits dont l'usage se fait par frottement, versement, vaporisation, arrosage, pulvérisation ou autrement appliqué au corps humain ou à n'importe quelle autre partie du corps pour nettoyer, embellir, favoriser l'attraction ou changer l'apparence extérieure. Ils comprennent également tout autre produit destiné à l'usage comme composante d'un produit appliqué sur le corps à l'exception des produits dont l'usage est destiné à des fins de diagnostic, de traitement ou de prévention des maladies ;

6° **produits alimentaires :** toute sorte d'articles à l'exclusion des produits pharmaceutiques, cosmétiques et du tabac qui servent de nourriture ou de boisson aux êtres humains et qui comprennent toute substance utilisée dans la fabrication ou le traitement des aliments;

7° **dispositif médical:** tout article utilisé dans le domaine médical à des fins de diagnostic, de dépistage, de guérison, de chirurgie ou de protection de la santé;

8° **produit toxique :** toute substance spécifiée sur la liste de poisons prévue par la présente loi;

9° **étiquette :** signe servant à distinguer une pharmacie;

10° **imiti igenzurwa ku buryo bw'umwihariko** : imiti ifatwa nk'ikiyobyabwenge, inkingo, imiti ya antibiyotiki, imiti igabanya ubukana bwa virusi itera Sida, imiti ivura igituntu na malariya ;

11° **imiti itujuje ibisabwa :** imiti yarengeje igihe, ishobora gutera ingaruka mbi, itavura n'imiti idafite ubuziranenge buhagije n'iyo itariki yayo yo gusaza yaba itaragera ;

12° **imiti rusange** : imiti yose itagishinganye, yateguriwe mu ruganda kandi igacuruzwa ku izina rusange mpuzamahanga ry'umuti shingiro rikurikiwe cyangwa ridakurikiwe n'izina ry'uruganda ;

13° **imiti yihariye** : imiti yose yakorewe mu ruganda ishinganye cyangwa idashinganye, ifunze ku buryo bwihariye kandi ifite izina ryihariye ry'uruganda ;

14° **inyamaswa :** ikinyabuzima cyose gihumeka gifite cyangwa kidafite urutirigongo kitari umuntu cyangwa ikimera ;

15° **inyubako** : ikibanza, inzu, ubwato, indege,

10° **controlled pharmaceutical products:** pharmaceutical products considered narcotics, vaccines, antibiotics, antiretrovirals, tuberculosis and malaria drugs;

11° **unfit pharmaceutical products:** pharmaceutical products which have expired, which may have side effects, inefficacious, which do not have the required quality standards even before the expiry date;

12° **generic pharmaceutical products:** any pharmaceutical products that are no more patented, manufactured in a plant and distributed under the international non-proprietary name of the originator pharmaceutical product whether or not followed by the name of the plant;

13° **branded pharmaceutical products:** any pharmaceutical products manufactured in a plant, whether or not patented, packaged in a special manner and bearing a unique name of the plant;

14° **animal**: any being that breathes that is a vertebrate or invertebrate and which is neither a human being nor part of the flora;

15° **premises:** plot of land, buildings, boats,

10° **produits pharmaceutiques placés sous contrôle:** médicaments considérés comme étant des stupéfiants, des vaccins, des antibiotiques, des antirétroviraux, des médicaments contre la tuberculose et le paludisme;

11° **produits pharmaceutiques impropres :** produits pharmaceutiques qui ont expiré, qui sont dangereux pour la santé, non efficaces et ceux qui n'ont pas la qualité requise même avant leur date d'expiration;

12° **produits pharmaceutiques génériques:** tous produits pharmaceutiques qui ne sont plus brevetés, fabriqués dans une usine et vendu sous la dénomination commune internationale du produit pharmaceutique d'origine suivie ou non par le nom de l'usine;

13° **produits pharmaceutiques brevetés :** tous produits pharmaceutiques fabriqués dans l'usine, brevetés ou non, emballés d'une manière spéciale et portant un nom unique de l'usine ;

14° **animal** : tout être qui respire tout en étant vertébré ou invertébré et qui n'est ni être humain ni partie de la flore ;

15° **locaux:** terrains, bâtiments, bateaux,

imodoka, igice cy'inyubako, imiyoboro, imbuga, ahantu habikwa ibintu hafatanye n'inyubako cyangwa igice cyayo, ibikururwa cyangwa ibijyamo ibintu by'ubwoko bwose byaba bifunguye cyangwa bifunze ;

16° **itsinda ry'abantu** : ihuriro ryemewe rigamije cyangwa ritagamije inyungu ;

17° **Minisitiri** : Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze ;

18° **ubugenzuzi**: igikorwa kijyanye n'iyubahirizwa ry'ishyirwa mu bikorwa by'iri tegeko mu bijyanye no gukora, gukwirakwiza, gutanga, kubika cyangwa gufunika imiti, ibiribwa, ibinoza kandi bisukura umubiri, imiti ikomoka ku bimera n'ibikoresho byo mu buvuzi;

19° **umuganga**: umuntu wese wemerewe gukora ubuvuzi bw'abantu bishingiye ku mpamyabushobozi y'icyiciro cya kabiri cya Kaminuza mu by'ubuganga ;

20° **umuganga w'amenyo:** umuntu wese wemerewe gukora imirimo y'ubuvuzi bw'amenyo bishingiye ku mpamuyabumenyi y'icyiciro cya kabiri cya Kaminuza mu by'ubuvuzi

aircrafts, vehicles, a part of a building, channels, yard, place of storage annexed to a building or part of that building, carriage or receptacle of any kind, whether open or closed;

16° **group of persons:** a licensed association whether profit making or non profit making;

17° **Minister:** the Minister in charge of health;

18° **inspection:** any act intended to enforce and implement this Law as it relates to the manufacture, distribution, supply, storage or packaging of pharmaceutical products, food, cosmetics, herbal medicines and medical devices;

19° **medical practitioner: :** any person qualified to practice the medical art after obtaining a Bachelor's Degree in Medicine;

20° **dentist:** any person qualified to practice the dental medicine after obtaining a Bachelor's Degree in dentistery;

aéronefs, véhicules, partie d'un bâtiment, canaux, cour, entrepôt annexé à un bâtiment ou à une quelconque partie de ce bâtiment, chariot ou récipient de toute sorte qu'il soit ouvert ou fermé ;

16° **groupe de personnes :** une association agréée poursuivant un but lucratif ou non lucratif;

17° **Ministre :** le Ministre ayant la santé dans ses attributions;

18° **inspection**: tout acte destiné à la mise en application et la mise en œuvre de la présente loi en ce qui concerne la fabrication, la distribution, la fourniture, le stockage ou l'emballage des produits pharmaceutiques, alimentaires, cosmétiques, des substances phytothérapeutiques et des dispositifs médicaux;

19° **médecin :** toute personne habilitée à exercer la médecine après obtention d'un diplôme sanctionnant le deuxième cycle d'enseignement supérieur en médecine ;

20° **dentiste :** toute personne habilitée à exercer la médecine dentaire après l'obtention d'un diplôme sanctionnant le deuxième cycle d'enseignement supérieur en dentisterie ;

bw'amenyo.;

21° **umuganga w'inyamaswa**: umuntu wanditswe nk'umuganga w'amatungo;

22° **umuhanga mu by'imiti**: umuntu wese ufite impamyabushobozi y'ikiciro cya kabiri cya kaminuza mu buhanga mu by'imiti wanditswe kandi wemewe;

23° **umutekinisiye muri farumasi**: umuntu wese ufite impamyabumenyi y'icyiciro cya mbere cya kaminuza mu buhanga mu by'imiti wanditswe kandi wemewe nk'umutekinisiye muri Farumasi;

24° **umuti:** ikintu cyose gifite ubushobozi bwo gukingira, kuvura indwara z' abantu cyangwa iz' inyamaswa, ndetse n' ikindi kintu cyose cyagenewe guhabwa umuntu cyangwa inyamaswa kugira ngo hashobore gukorwa isuzuma ry'indwara, gusana, gukosora cyangwa guhindura imikorere y'umubiri cyangwa iy'ubwenge. Bisobanuye kandi ibintu bikoreshwa mu gusukura inyubako zikorerwamo, zitegurirwamo, zibikwamo ibiribwa n'imiti, gusukura inyubako z'ibitaro, ibikoresho n'amazu y'ubworozi;

25° **umuti ukomoka ku bimera**: umuti wakozwe ufite ikiwuranga cyerekana ibipimo byawo ugizwe n'ikintu kimwe

21° **veterinary surgeon:** a person who is registered to practice the veterinary profession;

22° **pharmacist:** any person holding a second cycle university degree in pharmacy who is registered and licensed;

23° **pharmacy technician:** any person holding a first cycle university degree in pharmacy who is registered and authorized as a pharmacy technician;

24° **pharmaceutical product:** any substance capable of preventing, treating human or animal diseases and any other substance intended for administration to a human being or an animal in order to diagnose diseases, restore, correct or carry out modification of organic or mental functions. It also means products used in disinfecting premises in which food and drugs are manufactured, prepared or stored, cleaning hospitals, equipment and farm houses;

25° **herbal medicine:** a pharmaceutical product with a label identifying its dosage form that contains one or more substances

21° **medecin vétérinaire :** une personne enregistrée pour exercer la profession vétérinaire ;

22° **pharmacien**: toute personne titulaire d'un diplôme de deuxième cycle universitaire en pharmacie qui est enregistré et agréée;

23° **technicien en pharmacie :** toute personne titulaire d'un diplôme universitaire de premier cycle en pharmacie qui est enregistrée et agréée en tant que technicien en pharmacie;

24° **produit pharmaceutique**: toute substance capable de prévenir et de traiter les maladies humaines ou animales ainsi que tout autre substance destinée à être administrée à un être humain ou un animal en vue de diagnostiquer les maladies, de restaurer, de corriger ou d'effectuer des modifications des fonctions organiques ou mentales. Cela signifie également des produits utilisés pour la désinfection des locaux où les aliments et les médicaments sont fabriqués, préparés ou gardés, les hôpitaux, les équipements et les maisons de ferme;

25° **substance phytothérapeutique:** un produit pharmaceutique portant une étiquette indiquant sa forme posologique

cyangwa byinshi bifite inkomoko y'umwimerere ituruka ku bimera;

26° **umuti utangwa nta rupapuro mpesha-muti**: umuti wose uri ku rutonde rwashyizweho na Minisitiri ruteganya imiti itangwa hadakenewe urupapuro mpesha-muti.

27° **urupapuro mpesha-muti**: inyandiko ya muganga, muganga w'amenyo, umuganga w'amatungo yandikira umuhanga mu by'imiti ijyanye no gutegura, gutunganya no gutanga umuti.

**Ingingo ya 3: Iyandikwa ry'imirimo n'inyubako**

Imirimo yose ijyanye no gukora, kubika, gutumiza cyangwa kohereza, kugurisha, gufunika, gukwirakwiza, kugemura, gutwara ibiribwa, imiti, ibikoresho byo mu buvuzi , ibintu bihumanya, ibintu binoza kandi bisukura umubiri, imiti ikomoka ku bimera n'ibindi byose bikoreshwa mu buvuzi igomba kuba yanditse.

Iyandikwa ry'imirimo n'inyubako rigaragazwa n'icyemezo gitangwa n'urwego rubifitiye ububasha. Iteka rya Minisitiri rigena uburyo iyandikwa ry'inyubako rikorwa.

of natural origin that are derived from plants;

26° **over-the-counter pharmaceutical product:** any pharmaceutical product included in the list of non-prescription pharmaceutical products set out by the Minister;

27° **medical prescription:** a written direction by a medical practitioner, dentist or veterinary surgeon intended for a pharmacist in connection with the preparation, treatment and dispensation of a pharmaceutical product.

**Article 3: Registration of activities and premises**

Any activity related to the manufacture, storing, import or export, sale, packaging, distribution, supply, transport of food, pharmaceutical products, medical devices, poisonous product, cosmetics, herbal medicines and any other health commodities must be registered.

The registration of activities and premises shall be proven by a certificate issued by a competent organ. An Order of the Minister shall determine modalities for registration of premises.

qui contient une ou plusieurs substances d'origine naturelle qui sont dérivés des végétaux;

26° **produit pharmaceutique en vente libre :** tout produit pharmaceutique figurant sur la liste des produits pharmaceutiques sans ordonnance établie par le Ministre;

27° **prescription médicale**: une indication écrite par un médecin, un dentiste ou un médecin vétérinaire destiné à un pharmacien dans le cadre de la préparation, le traitement et la délivrance d'un produit pharmaceutique.

**Article 3 : Enregistrement des activités et des locaux**

Toute activité ayant trait à la fabrication, au stockage, à l'importation ou à l'exportation, à la vente, à l'emballage, à la distribution, à la fourniture, au transport des produits alimentaires, pharmaceutiques, des dispositifs médicaux, des produits toxiques, des produits cosmétiques, des substances phytothérapeutiques et tout autre produit de santé doit être enregistré.

L'enregistrement des activités et des locaux est justifié par un certificat délivré par l'organe compétent. Un arrêté du Ministre détermine les modalités d'enregistrement des locaux.

**Ingingo ya 4: Uruhushya rwo gukora**

Uruhushya rw'aho gukorera imirimo ijyanye n'ibiteganyijwe mu ngingo ya 3 y'iri tegeko rutangwa n'urwego rubifitiye ububasha hakurikijwe ubwoko bw'impushya n'ibindi bisabwa n'iteka rya Minisitiri.

Nta muntu wemerewe gukora ibigengwa n'iri tegeko adafite uruhushya. Cyakora, mu rwego rwo kubungabunga ubuzima rusange, Minisitiri atanga uburenganzira mu bihe bidasanzwe.

Uwahawe uru ruhushya ashobora kurwamburwa mu gihe anyuranyije n'ibiteganywa n'iri tegeko.

**UMUTWE WA II: IBIRIBWA**

**Icyiciro cya mbere: Igengwa ry'ibiribwa n'isuku yabyo**

**Ingingo ya 5: Igengwa ry'ibiribwa**

Ibiribwa byemewe gukoreshwa bigomba kuba byujuje ubuziranenge buteganywa n'inzego zibifitiye ububasha mu gihugu.

Nta kiribwa gishobora gukorwa, kugurishwa, gutangwa, gutumizwa, kubikwa cyangwa kumurikwa keretse cyujuje ibisabwa biteganywa

**Article 4: License to practise**

The license to operate premises used for carrying out activities under Article 3 of this Law is granted by a competent organ according to the types of licenses and other conditions required by the Order of the Minister.

No person shall conduct activities governed by this Law unless he/she has been granted a license. However, in case of emergency the Minister may grant a licence in order to protect public health.

The licensee may have his/her license revoked if he/she contravenes the provisions of this Law.

**CHAPTER II: FOOD PRODUCTS**

**Section One: Regulation of food products and food hygiene**

**Article 5: Regulation of food products**

Food products authorized for use shall conform to quality standards set by the national competent organs.

No food product shall be manufactured, sold, donated, imported, stored or exhibited unless it conforms to the requirements provided under this

**Article 4 : Permis d'exercice**

Le permis d'exploitation des locaux servant à l'exercice des activités prévues à l'article 3 de la présente loi est accordé par l'organe compétent en fonction des types de permis et d'autres conditions requises par arrêté du Ministre.

Nul ne peut mener les activités régies par la présente loi avant d'avoir obtenu un permis. Toutefois, en cas d'urgence, le Ministre peut accorder un permis dans l'intérêt de la protection de la santé publique.

Le titulaire d'un permis peut se voir retirer son permis s'il viole les dispositions de la présente loi.

**CHAPITRE II : PRODUITS ALIMENTAIRES**

**Section première : Réglementation des produits alimentaires et hygiène alimentaire**

**Article 5: Réglementation des produits alimentaires**

Les produits alimentaires autorisés à être utilisés doivent être conformes aux normes de qualité prévues par les organes compétents du pays.

Aucun produit alimentaire ne peut être fabriqué, vendu, offert en don, importé, stocké ou exposé sans qu'il ne soit conforme aux exigences prévues

n'iri tegeko. Ibiribwa byose bigomba kuba:

1° bidafite ibihumanya;

2° bishobora kuribwa n'abantu cyangwa inyamaswa;

3° bitaboze, bitagaze, bitarengeje igihe cyagenwe cyangwa bitanduye;

4° bidafite ibyongerewemo byatera indwara;

5° bitatera ingaruka ku buzima bw'abantu;

6° byujuje ubuziranenge cyangwa ibiteganywa n'amabwiriza agenga ibiribwa mu gihugu;

7° bitari ibyiganano;

8° bidakomoka ku nyamaswa zirwaye cyangwa zanduye;

9° byabitswe, byakozwe cyangwa byateguriwe ahantu hafite isuku.

Iteka rya Minisitiri rishyiraho amabwiriza agenga ibiribwa n'ibibigize.

Law. Each food product must:

1° not contain toxic substances;

2° be safe for human or animal consumption;

3° not be rotten, spoiled, expired or contaminated;

4° not contain additives that may cause a disease;

5° not be associated with effects on human health;

6° conform to quality standards or the provisions of food product regulations applicable in the country;

7° not be counterfeited *;*

8° not be derived from diseased or infected animals;

9° be stored, manufactured or prepared in a place that meets hygiene standards.

An Order of the Minister shall set out instructions regulating food products and their composition.

par la présente loi. Chaque produit alimentaire doit répondre aux conditions suivantes:

1° ne pas contenir des substances toxiques;

2° être propre à la consommation humaine ou animale;

3° ne pas être pourri, gâté, expiré ou contaminé;

4° ne pas contenir des additifs susceptibles de causer une maladie;

5° ne pas avoir des effets nuisibles sur la santé humaine;

6° être conforme aux normes de qualité ou répondre aux dispositions des règlements applicables aux produits alimentaires en vigueur dans le pays;

7° ne pas être falsifié;

8° ne pas provenir des animaux malades ou infectés;

9° être stocké, fabriqué ou préparé dans un endroit qui répond aux normes d'hygiène.

Un arrêté du Ministre énonce les instructions régissant les produits alimentaires et leur composition.

**Ingingo ya 6: Isuku y'ibiribwa bigurishwa**

Ibiribwa byose bigomba kuba bifite isuku.

Nta muntu wemerewe gukora, gutegura, guhunika, gufunika cyangwa kubika ibiribwa mu buryo budasukuye agamije kubigurisha.

Ibiribwa bigomba kubikwa mu buryo butuma bigumana agaciro n'umwimerere wabyo hirindwa icyatuma bitakaza inyunganira mubiri biturutse ku buryo bibitswe.

Iteka rya Minisitiri rishyiraho amabwiriza agenga isuku y'ibiribwa bigurishwa.

**Icyiciro cya 2: Impano, kwamamaza no kumurika ibiribwa**

**Ingingo ya 7: Impano z'ibiribwa**

Ibiribwa bitanzwe nk'impano ntibigurishwa, bigomba kandi kuba byujuje ibiteganyijwe mu ngingo ya 5 y'iri tegeko.

**Ingingo ya 8: Kwamamaza no kumurika ibiribwa**

Kwamamaza no kumurika ibiribwa bikorwa hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.

**Article 6: Hygiene for food products intended for sale**

Each food product must meet hygiene requirements.

No person shall be authorized to manufacture, prepare, store, package or keep food products for sale unless he/she complies with hygiene requirements.

Food products shall be stored in such conditions that they retain their properties and originality while at the same time ensuring that they do not lose their nutrients due to the storage conditions.

An Order of the Minister shall set out instructions regulating hygiene requirements for food products intended for sale.

**Section 2: Donation, advertisement and exhibition of food products**

**Article 7: Donation of food products**

Food products donated shall not be sold and must conform to the requirements provided under Article 5 of this Law.

**Article 8: Advertisement and exhibition of food products**

The advertisement and exhibition of food products shall be carried out in accordance with this Law.

**Article 6 : Hygiène des produits alimentaires destinés à la vente**

Chaque produit alimentaire doit répondre aux conditions d'hygiène.

Nul ne peut être autorisé à fabriquer, à préparer, à stocker, à emballer ou à conserver les produits alimentaires destinés à la vente sans qu'il satisfasse aux conditions d'hygiène.

Les produits alimentaires doivent être stockés dans les conditions leur permettant de conserver leurs propriétés et leur originalité tout en s'assurant en même temps qu'ils ne perdent pas leurs nutriments à cause des conditions de stockage.

Un arrêté du Ministre énonce les instructions régissant les conditions d'hygiène des produits alimentaires destinés à la vente.

**Section 2 : Don, publicité et exposition des produits alimentaires**

**Article 7 : Dons des produits alimentaires**

Les produits alimentaires offerts en don ne peuvent pas être vendus et doivent être conformes aux conditions prévues par l'article 5 de la présente loi.

**Article 8: Publicité et exposition des produits alimentaires**

La publicité et l'exposition des produits alimentaires se font conformément à la présente

Iteka rya Minisitiri rishyiraho amabwiriza agenga uburyo bwo kwamamaza no kumurika ibiribwa bikorwa.

**Ingingo ya 9: Ubucuruzi bw'ibiribwa bitujuje ibyangombwa**

Birabujijwe gukora, kubika, gutanga, kugurisha cyangwa gutunga ibiribwa bitujuje ibisabwa n'iri tegeko hagamijwe ubucuruzi.

**Ingingo ya 10: Kurinda abakoresha ibiribwa**

Bigaragaye ko ibiribwa byateye ingaruka ku buzima bw'ababikoresheje, inzego zibifitiye ububasha zikora iperereza zigafata ibyemezo zikurikije amategeko ariho mu gihugu.

**Ingingo ya 11:Uburiganya mu kugurisha ibiribwa**

Nta muntu wemerewe kwandikisha, gutangaza, gufunika, gutegura, kugurisha cyangwa kwamamaza ikiribwa icyo ari cyo cyose mu buryo bw'uburiganya, buyobya, bubeshya, cyangwa bugamije kwitirira ikiribwa runaka icyo kitaricyo ku bijyanye n'ubwoko, ubwinshi, akamaro, agaciro, ibicyigize cyangwa icyagira ingaruka ku buzima bw'abantu.

An Order of the Minister shall set out instructions regulating the advertisement and exhibition of food products.

**Article 9: Trade in food products that do not meet required standards**

It is prohibited to manufacture, store, supply, sell or have in one's possession for commercial purposes food products that do not meet requirements provided under this Law.

**Article 10: Protection of food products consumers**

If it is evident that food products have caused harmful effects on consumers' health, the competent organs shall carry out investigations and take action in accordance with applicable national laws.

**Article 11: Fraudulent practices in the sale of food products**

No person shall register, publicise, pack, prepare, sell or advertise any food product in a manner that is fraudulent, misleading, deceptive or is likely to create an erroneous impression as to its character, quantity, value, merit, composition or safety.

loi.

Un arrêté du Ministre énonce les instructions régissant la publicité et l'exposition des produits alimentaires.

**Article 9 : Commerce des produits alimentaires ne répondant pas aux normes requises**

Il est interdit de fabriquer, de stocker, de fournir, de vendre ou d'avoir en sa possession à des fins commerciales les produits alimentaires qui ne répondent pas aux conditions prévues par la présente loi.

**Article 10 : Protection des consommateurs des produits alimentaires**

S'il apparaît que les produits alimentaires ont causé des effets nocifs sur la santé des consommateurs, les organes compétents mènent des enquêtes et prennent des mesures conformément aux lois nationales en vigueur.

**Article 11: Pratiques frauduleuses en matière de vente des produits alimentaires**

Nul ne peut faire enregistrer, faire connaître, emballer, préparer, vendre ou faire la publicité d'un quelconque produit alimentaire d'une manière frauduleuse, trompeuse, mensongère ou susceptible de créer une fausse impression quant à sa nature, sa quantité, sa valeur, ses avantages, sa composition ou sa sûreté.

**UMUTWE WA III: IMITI**

**Ingingo ya 12: Isuku y'umuti**

Birabujijwe gutanga no kugurisha umuti uwo ariwo wose mu gihe:

1° ukozwe, uteguwe, uhunitse, ufunitse cyangwa ubitse ahantu hadafite isuku;

2° wahinduwe ku buryo utakaza ubuziranenge bwawo.

**Ingingo ya 13: Imiti yatanzweho amabwiriza**

Mu gihe hari amabwiriza agenewe umuti runaka, nta muntu wemewe kwandika ku ipaki, gufunika, kugurisha cyangwa kwamamaza uwo muti cyangwa ikintu icyo ari cyose ku buryo bwatera urujijo kuri uwo muti, keretse mu gihe uwo muti wujuje ibisabwa n'ayo mabwiriza.

**Ingingo ya 14: Umuti ufatwa nk'urugero rw'indi miti**

Birabujijwe gukwirakwiza cyangwa gutuma hakwirakwizwa umuti uwo ariwo wose ukoreshwa nk'urugero rw'undi miti.

**CHAPTER III: PHARMACEUTICAL PRODUCTS**

**Article 12: Hygiene requirements for a pharmaceutical product**

No person shall dispense or sell any pharmaceutical product that:

1° was manufactured, prepared, preserved , packed or stored under unsanitary conditions;

2° was so adulterated that it has lost its quality.

**Article 13: Regulated pharmaceutical products**

In case of the existence of regulations on a given pharmaceutical product, no person shall label, package, sell or advertise such a regulated pharmaceutical product or any other product, in a manner that causes erroneous impression of the product, unless the product conforms to the standards under these regulations.

**Article 14: Sample pharmaceutical product**

No person shall distribute or cause to distribute any pharmaceutical product that is used as a sample.

**CHAPITRE III : PRODUITS PHARMACEUTIQUES**

**Article 12 : Conditions d'hygiène pour un produit pharmaceutique**

Nul ne peut délivrer ou vendre un produit pharmaceutique qui:

1° a été fabriqué, préparé, conservé, emballé ou mis en stock dans des conditions non hygiéniques ;

2° a été si conditionné qu'il a perdu sa qualité.

**Article 13: Produits pharmaceutiques réglementés**

En cas d'existence des règlements sur un quelconque produit pharmaceutique, nul ne peut étiqueter, emballer, vendre ce produit réglementé ou tout autre produit ou en faire la publicité d'une manière qui crée une fausse impression du produit à moins que le produit ne soit conforme aux normes prévues par ces règlements.

**Article 14: Produit pharmaceutique servant d'échantillon**

Nul ne peut distribuer ou faire distribuer un produit pharmaceutique qui est utilisé comme un échantillon.

Cyakora, ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibireba ikwirakwiza ry'imiti n'abaganga, abaganga b'amenyo, abaganga b'inyamaswa cyangwa abahanga mu by'imiti.

**<u>UMUTWE WA IV</u>: IBINTU BINOZA KANDI BISUKURA UMUBIRI**

**<u>Icyiciro cya mbere:</u> Ibibujijwe**

**<u>Ingingo ya 15</u>: Urutonde rw'ibintu binoza kandi bisukura umubiri**

Ibintu binoza kandi bisukura umubiri ni ibintu byisigwa byose bigamije kunoza, guhindura no guhumuza umubiri w'umuntu.

Ibintu binoza kandi bisukura umubiri bigomba kuba bidafite ibihumanya, byujuje ubuziranenge busabwa mu gihugu kandi biteguwe ku buryo bukurikije amahame agenga itegurwa ryabyo.

Iteka rya Minisitiri rishyiraho urutonde rw'ibintu binoza kandi bisukura umubiri bitemewe gukoreshwa mu gihugu.

**<u>Ingigno ya 16</u>: Ibitemewe bijyanye n' ibintu binoza kandi bisukura umubiri**

Nta bintu binoza kandi bisukura umubiri bikorwa, bitumizwa mu mahanga, bibikwa, bimurikwa, bigurishwa cyangwa ngo bitangwe keretse byujuje ibisabwa n'iri tegeko.

However, the provisions of paragraph one of this article do not apply to the distribution of pharmaceutical products by medical doctors, dentists, veterinary surgeons or pharmacists.

**<u>CHAPTER IV</u>: COSMETICS**

**<u>Section One:</u> Prohibitions**

**<u>Article 15</u>: List of cosmetics**

Cosmetics shall mean any substances applied on the human body in order to enhance, change and impart a pleasant smell onto the human body.

Cosmetics must be free of toxic substances and meet quality standards applicable in the country and be prepared in compliance with relevant principles of good preparation practice.

An Order of the Minister shall set out the list of cosmetics whose use is prohibited within the country.

**<u>Article 16:</u> Prohibited acts in connection with cosmetics**

No person shall manufacture, import, store, exhibit, sale or dispense cosmetics unless they meet requirements under this Law.

Toutefois, les dispositions de l'alinéa premier du présent article ne s'appliquent pas à la distribution de produits pharmaceutiques par des médecins, dentistes, vétérinaires ou pharmaciens.

**<u>CHAPITRE IV</u> : PRODUITS COSMETIQUES**

**<u>Section première</u> : Interdictions**

**<u>Article 15</u>: Liste des produits cosmétiques**

Les produits cosmétiques s'entendent de toutes substances dont on s'enduit en vue d'améliorer, modifier le corps humain et de lui donner une odeur agréable.

Les produits cosmétiques doivent être exempts de substances toxiques et répondre aux normes de qualité applicables dans le pays et être préparés en conformité avec les principes de bonnes pratiques de préparation en la matière.

Un arrêté du Ministre énonce la liste des produits cosmétiques dont l'utilisation est interdite dans le pays.

**<u>Article 16</u>: Actes interdits en matière de produits cosmétiques**

Nul ne peut fabriquer, importer, stocker, exposer, vendre ou délivrer les produits cosmétiques à moins que ces derniers ne soient conformes aux conditions prévues par la présente loi.

**Ingingo ya 17: Ibibujijwe bigize ibintu binoza kandi bisukura umubiri**

Kubera inyungu rusange z'ubuzima, ikintu icyo ari cyo cyose kiri mu bigize ibintu binoza kandi bisukura umubiri kitujuje ubuziranenge kirabujijwe.

Birabujijwe gukora, gutumiza mu mahanga, kubika, kumurika, kugurisha cyangwa gutanga ibintu binoza kandi bisukura umubiri:

1° birimo cyangwa bigizwe n'ibintu bishobora kwangiza ubuzima mu gihe bikoreshejwe;

2° byakozwe, byateguwe, byafunitswe cyangwa byabitswe ahantu hatari isuku.

Birabujijwe gukora cyangwa kubika ibintu binoza kandi bisukura umubiri mu buryo budakwiye, hakoreshejwe amabara atemewe cyangwa harimo ibintu bihumanya, binuka cyangwa biboze.

**Icyiciro cya 2: Amabwiriza ku bintu binoza kandi bisukura umubiri by'ibyiganano**

**Ingingo ya 18: Amabwiriza ku bintu binoza kandi bisukura umubiri**

Mu gihe hari amabwiriza ajyanye n' ibintu binoza kandi bisukura umubiri, nta muntu wemerewe kwandika ku ipaki, kugurisha, gufunika,

**Article 17: Prohibited cosmetics ingredients**

For purposes of public health interest, any cosmetic ingredient that does not meet quality requirements is prohibited.

No person shall manufacture, import, store, exhibit, sell or dispense cosmetics that:

1° contain or consist of substances likely to adversely affect health when used;

2° were manufactured, prepared, preserved or stored under unsanitary conditions.

No person shall manufacture or store cosmetics under inappropriate conditions, using non-permitted colours or including toxic, putrid or decomposed substances.

**Section 2: Regulations on counterfeit cosmetics**

**Article 18: Standards prescribed for cosmetics**

Where standards exist for cosmetics, no person shall label, sell, package, advertise or dispense any cosmetic in such a manner that creates an

**Article 17: Ingrédients des produits cosmétiques interdits**

Dans tous les cas où il est dans l'intérêt public de répondre aux besoins de protection de la santé, tout ingrédient de produits cosmétiques ne répondant pas aux conditions de qualité est interdit.

Nul ne peut fabriquer, importer, stocker, exposer, vendre ou délivrer les produits cosmétiques qui:

1° contiennent ou sont composés de substances susceptibles de nuire à la santé lorsqu'ils sont employés;

2° ont été fabriqués, préparés, conservés ou stockés dans des conditions non hygiéniques.

Nul ne peut fabriquer ou stocker les produits cosmétiques dans des conditions inappropriées en utilisant des colorants non autorisés ou comprenant des substances toxiques, putrides ou pourries.

**Section 2: Règlements applicables aux produits cosmétiques contrefaits**

**Article 18 Normes à l'égard des produits cosmétiques**

En cas d'existence des normes relatives à des produits cosmétiques, il est interdit d'étiqueter, de vendre, d'emballer, de faire la publicité ou de

kwamamaza cyangwa gutanga ibintu binoza kandi bisukura umubiri mu buryo butera urujijo.

**Ingingo ya 19: Kubuza gukora, kubika, kugurisha no gutanga bintu binoza kandi bisukura umubiri byahumanya**

Nta muntu wemerewe gukora, kubika, kugurisha no gutanga ibintu binoza kandi bisukura umubiri birimo ibintu bihumanya cyangwa bifite ingaruka ku bantu babikoresha.

**Ingingo ya 20: Ibintu binoza kandi bisukura umubiri by'ibyiganano**

Birabujijwe gukora, gutumiza mu mahanga, kugurisha, gutanga, gutunga ibintu binoza kandi bisukura umubiri by'ibyiganano.

**UMUTWE WA V: IBIKORESHO BYO MU BUVUZI**

**Ingingo ya 21: Urutonde rw'ibikoresho byo mu buvuzi**

Urutonde rw'imiti yemewe mu gihugu ruba ruriho ibikoresho byo mu buvuzi. Ibi bikoresho byo mu buvuzi bigomba kuba byujuje ubuziranange busabwa mu gihugu kandi bikoze ku buryo bukurikije amahame agenga ikorwa ryabyo.

erroneous impression.

**Article 19: Prohibition of manufacturing, storing sale and distribution of toxic cosmetics**

No person shall manufacture, store, sell and distribute toxic cosmetics or those that may cause adverse effects to the users.

**Article 20: Counterfeit cosmetics**

No person shall manufacture, import, sell, dispense or possess counterfeit cosmetics.

**CHAPTER V: MEDICAL DEVICES**

**Article 21: List of medical devices**

The list of pharmaceutical products approved in the country shall include the list of medical devices. These medical devices must meet quality standards applicable in the country and be manufactured in compliance with relevant principles of their manufacture.

délivrer des produits cosmétiques d'une manière qui crée une fausse impression.

**Article 19: Interdiction de fabriquer, de stoker, de vendre et de distribuer des produits cosmétiques toxiques**

Nul ne peut fabriquer, stocker, vendre ou distribuer les produits cosmétiques qui contiennent des substances toxiques ou produisent des effets préjudiciables sur les utilisateurs.

**Article 20: Produits cosmétiques contrefaits**

Nul ne peut fabriquer, importer, vendre, délivrer ou posséder des produits cosmétiques contrefaits.

**CHAPITRE V : DISPOSITIFS MEDICAUX**

**Article 21: Liste des dispositifs médicaux**

La liste des produits pharmaceutiques approuvés dans le pays doit inclure la liste des dispositifs médicaux. Ces dispositifs médicaux doivent répondre aux normes de qualité applicables dans le pays et être fabriqués conformément aux principes de bonnes pratiques de fabrication en la matière.

**Ingingo ya 22: Ibibujijwe bijyanye n'ibikoresho byo mu buvuzi**

Birabujijwe gukora, gutumiza, kugurisha no gutanga igikoresho cyo mu buvuzi kitanditse, cyatera ingaruka cyangwa kigakomeretsa ugikoresheje mu gihe gikoreshejwe hakurikije amabwiriza agenga imikoreshereje yacyo.

Nta bikoresho byo mu buvuzi bikorwa, bitumizwa mu mahanga, bibikwa, bimurikwa, bigurishwa cyangwa ngo bitangwe keretse byujuje ibisabwa n'iri tegeko.

**Ingingo ya 23: Ibibujijwe bigize ibikoresho byo mu buvuzi**

Kubera inyungu rusange z'ubuzima, ikintu icyo ari cyo cyose kiri mu bigize igikoresho cyo mu buvuzi kitujuje ubuziranenge kirabujijwe.

Birabujijwe gukora, gutumiza mu mahanga, kubika, kumurika, kugurisha cyangwa gutanga ibikoresho byo mu buvuzi birimo cyangwa bigizwe n'ibintu bishobora kwangiza ubuzima mu gihe bikoreshejwe.

Birabujijwe gukora cyangwa kubika ibikoresho byo mu buvuzi mu buryo butubahiriye amabwiriza y'isuku.

**Article 22: Prohibitions in connection with medical devices**

No person shall manufacture, import, sell and distribute unregistered medical device that, when used according to directions, may cause adverse effects or cause injury to the user.

No person shall manufacture, import, store, exhibit, sell or distribute medical devices that do not meet requirements under this Law.

**Article 23: Prohibited parts in medical devices**

For purposes of public health interest, any part of a medical device that does not meet quality requirements is prohibited.

No person shall manufacture, import, store, exhibit, sell or distribute medical devices that contain or consist of parts likely to be harmful to health when they are used.

No person shall manufacture or store medical devices under unsanitary conditions.

**Article 22: Interdictions en matière de dispositifs médicaux**

Nul ne peut fabriquer, importer, vendre et distribuer un dispositif médical non enregistré qui, lorsqu'employé conformément au mode d'emploi, peut produire des effets préjudiciables sur son usager ou le blesser.

Nul ne peut fabriquer, importer, stocker, exposer, vendre ou distribuer les dispositifs médicaux à moins que ces derniers répondent aux conditions prévues par la présente loi.

**Article 23: Pièces interdites dans les dispositifs médicaux**

Dans tous les cas où il est dans l'intérêt public de répondre aux besoins de protection de la santé, une pièce d'un dispositif médical qui ne répond pas aux conditions de qualité est interdite.

Nul ne peut fabriquer, importer, stocker, exposer, vendre ou distribuer des dispositifs médicaux qui contiennent ou sont composés de pièces susceptibles de nuire à la santé lorsqu'elles sont employées.

Nul ne peut fabriquer ou stocker les dispositifs médicaux dans des conditions non hygiéniques.

**Ingingo ya 24: Amabwiriza ku bikoresho byo mu buvuzi**

Birabujijwe kwandika ku ipaki, gufunika, gutegura, kugurisha, gutanga cyangwa kwamamaza igikoresho cyo mu buvuzi mu buryo buyobya, bujijisha cyangwa bwatuma igikoresho kitirirwa icyo kitari cyo ku bijyanye n'imikorere, imiterere-kamere, imikoreshereze, icyo kigamije gukora, akamaro cyangwa ubwiza byacyo.

**Ingingo ya 25: Ibikoresho byo mu buvuzi by'ibyiganano**

Birabujijwe gukora, gutumiza mu mahanga, kugurisha, gutanga no gutunga ibikoresho byo mu buvuzi by'ibyiganano.

**UMUTWE WA VI: IKORWA RY'IMIRIMO YEREKEYE IMITI N'IBIKORESHO BYO MU BUVUZI**

**Ingingo ya 26: Ibisabwa mu iyandikwa ry'imiti n'ibikoresho byo mu buvuzi**

Mbere y'uko imiti n'ibikoresho byo mu buvuzi bijya ku isoko ry'u Rwanda bigomba kuba byanditse.

Iteka rya Minisitiri rigena ibisabwa mu iyandikwa ry' imiti n'ibikoresho byo mu buvuzi.

**Article 24: Regulations on medical devices**

No person shall label, pack, treat, sell, distribute or advertise any medical device in a manner that is false, misleading or is likely to create an erroneous impression regarding its performance, design, use, intended use, value or quality.

**Article 25: Counterfeit medical devices**

No person shall manufacture, import, sell, distribute or possess counterfeit medical devices.

**CHAPTER VI: EXERCISING ACTIVITIES RELATED TO PHARMACEUTICAL PRODUCTS AND MEDICAL DEVICES**

**Article 26: Requirements for registration of pharmaceutical products and medical devices**

No person shall market a pharmaceutical product or a medical device on the Rwandan market unless such a product or device is registered.

An Order of the Minister shall set out requirements for registration of pharmaceutical products and medical devices.

**Article 24: Règlements applicables aux dispositifs médicaux**

Nul ne peut étiqueter, emballer, traiter, vendre, distribuer un dispositif médical ou en faire la publicité d'une manière fausse, trompeuse ou susceptible de créer une fausse impression quant à son efficacité, sa conception, son usage, l'usage auquel il est destiné, sa valeur ou sa qualité.

**Article 25: Dispositifs médicaux contrefaits**

Nul ne peut fabriquer, importer, vendre, distribuer ou avoir en sa possession des dispositifs médicaux contrefaits.

**CHAPITRE VI: EXERCICE D'ACTIVITES EN RAPPORT AVEC DES PRODUITS PHARMACEUTIQUES ET DES DISPOSITIFS MEDICAUX**

**Article 26 : Conditions d'enregistrement des produits pharmaceutiques et des dispositifs médicaux**

Nul ne peut mettre un produit pharmaceutique ou un dispositif médical sur le marché au Rwanda à moins que ce produit ou ce dispositif ne soit enregistré.

Un arrêté du Ministre fixe les conditions d'enregistrement des produits pharmaceutiques et des dispositifs médicaux.

Iteka rya Minisitiri ufite imari mu nshingano ze rigena igiciro cyo kwandika imiti n'ibikoresho byo mu buvuzi.

**<u>Ingingo ya 27</u>: Itangazwa ry'imiti n'ibikoresho byo mu buvuzi byanditse**

Urutonde rw'imiti n'ibikoresho byo mu buvuzi byanditse kandi ruri ku gihe rutangazwa mu buryo bworoheye abarukeneye bose kurubona.

**<u>Ingingo ya 28:</u> Icyemezo cyo kwandikisha umuti n'igikoresho cyo mu buvuzi**

Icyemezo cyo kwandikisha umuti n'igikoresho cyo mu buvuzi kimara imyaka itanu (5) ishobora kwongerwa bisabwe n'usaba kwandikisha umuti cyangwa igikoresho cyo mu buvuzi.

Nta muntu wemerewe kwinjiza mu gihugu imiti n'ibikoresho byo mu buvuzi bitanditswe.

**<u>Ingingo ya 29</u>: Gukurwa ku rutonde kw'imiti n'ibikoresho byo mu buvuzi byanditswe**

Kubera inyungu rusange, imiti n'ibikoresho byo mu buvuzi byanditswe bishobora gukurwa ku rutonde bitewe n'ingaruka byatera cyangwa

An Order of the Minister in charge of finance shall determine fees for registration of pharmaceutical products and medical devices.

**<u>Article 27</u>: Publication of registered pharmaceutical products and medical devices**

An updated list of registered pharmaceutical products and medical devices shall be published in an easily accessible manner.

**<u>Article 28</u>: Certificate of registration of a pharmaceutical product and medical device**

The certificate of registration of a pharmaceutical product and a medical device shall be valid for a period of five (5) years renewable upon request by the applicant of registration of a pharmaceutical product or a medical device.

No person shall import unregistered pharmaceutical products and medical devices.

**<u>Article 29</u>: Removal from the list of registered pharmaceutical products and medical devices**

For purposes of public health interest, registered pharmaceutical products and medical devices may be removed from the list due to their potential

Un arrêté du Ministre ayant les finances dans ses attributions fixe les frais d'enregistrement des produits pharmaceutiques et des dispositifs médicaux.

**<u>Article 27</u>: Publication des produits pharmaceutiques et des dispositifs médicaux enregistrés**

Une liste actualisée des produits pharmaceutiques et des dispositifs médicaux enregistrés doit être publiée sous une forme aisément accessible.

**<u>Article 28:</u> Certificat d'enregistrement d'un produit pharmaceutique et d'un dispositif médical**

Le certificat d'enregistrement d'un produit pharmaceutique et d'un dispositif médical est valable pour une période de cinq (5) ans renouvelable à la demande de la personne qui veut l'enregistrement d'un produit pharmaceutique ou d'un dispositif médical.

Nul ne peut importer des produits pharmaceutiques et des dispositifs médicaux non enregistrés.

**<u>Article 29</u>: Radiation de la liste des produits pharmaceutiques et des dispositifs médicaux enregistrés**

Les produits pharmaceutiques et les dispositifs médicaux enregistrés peuvent, chaque fois que l'intérêt public l'exige, être radiés de la liste en

bidafite umumaro uzwi mu buvuzi.

**<u>Ingingo ya 30</u>: Igeragezwa ry'imiti n'ibikoresho byo mu buvuzi**

Imiti cyangwa ibikoresho byo mu buvuzi byinjira mu gihugu kimwe n'ibihakorerwa bigomba kuba byakorewe igeragezwa ryimbitse kugira ngo hagaragazwe akamaro cyangwa ingaruka zaterwa n'ikoreshwa ryabyo.

**<u>Ingingo ya 31:</u> Kwemererwa gukora umwuga w'ubuhanga mu by'imiti**

Umuhanga mu by'imiti wemerewe gukora umwuga w'ubuhanga mu by'imiti ni umuntu ufite impamyabumenyi yo mu cyiciro cya kabiri cya Kaminuza mu buhanga mu by'imiti kandi wanditswe.

**<u>Ingingo ya 32</u>: Uruhushya rwo gutunga no gukora muri farumasi**

Umuhanga mu by'imiti wanditse ashobora gusaba no guhabwa uruhushya rwo gutunga farumasi. Cyakora, umuntu ku giti cye cyangwa itsinda ry'abantu bashobora gusaba no guhabwa uruhushya, ariko bagomba gukoresha umuhanga mu by'imiti wanditswe kugira ngo akore ibijyanye n'ubuhanga mu by'imiti.

Umuhanga mu by'imiti ushinzwe Farumasi, akurikije amabwiriza agenga umwuga we, akorana

adverse effects or unproven effectiveness.

**<u>Article 30</u>: Pharmaceutical products and medical devices clinical trials**

Pharmaceutical products or medical devices whether manufactured in the country or imported must have undergone a thorough clinical trial to identify their effectiveness and potential adverse effects related to their use.

**<u>Article 31</u>: License to practice pharmacy profession**

A pharmacist licensed to practice pharmacy profession shall be a registered person who holds a bachelors's degree in pharmacy.

**<u>Article 32</u>: License for pharmacy ownership and practice**

A registered pharmacist may apply for and be granted a license for pharmacy ownership. However, an individual or an association of persons may apply for and be granted a license on condition to employ a registered pharmacist tasked with carrying out pharmaceutical activities.

A head pharmacist shall practice his/her profession with due diligence and discretion

raison de leurs effets indésirables potentiels ou de leur efficacité non confirmée.

**<u>Article 30</u>: Essais cliniques sur les produits pharmaceutiques et les dispositifs médicaux**

Les produits pharmaceutiques ou les dispositifs médicaux qu'ils soient fabriqués dans le pays ou importés doivent avoir fait l'objet des essais cliniques approfondis afin d'identifier leur efficacité et leurs effets indésirables potentiels liés à leur usage.

**<u>Article 31</u>: Permis d'exercice de l'art pharmaceutique**

Un pharmacien autorisé à exercer de l'art pharmaceutique est celui qui est titulaire d'un diplome de second cycle en pharmacie en plus d'être enregistré.

**<u>Article 32</u>: Permis d'être propriétaire et d'exercice d'une pharmacie**

Un pharmacien enregistré peut demander et obtenir un permis d'être propriétaire d'une pharmacie. Toutefois, un individu ou une association peut demander et obtenir ce permis, à condition d'employer un pharmacien enregistré chargé de mener des activités pharmaceutiques.

Un pharmacien responsable doit exercer sa profession avec diligence et discrétion, sans

akazi ke ubushishozi n'umurava, atabangamiwe cyangwa ngo ahabwe amabwiriza n'umukoresha we.

Nta muntu wemerewe gufungura farumasi idahagarariwe n'umuhanga mu by'imiti cyangwa gukoresha inyito, ikirango cyangwa umwirondoro wa farumasi agamije kwiyitirira ko ari umuhanga mu by'imiti.

Umuhanga mu by'imiti ushinzwe gucunga farumasi ntiyemerewe kugira ahandi ashingwa uwo murimo mu gihe kimwe.

Icyemezo cyo kwandikwa nk'umuhanga mu by'imiti, uruhushya rwo gufungura farumasi hamwe n'uruhusha rwo kwemerera farumasi gukora bishyirwa ahagaragara mu nyubako.

Farumasi igomba kurangwa n'icyapa kigaragara cyerekana izina rya farumasi, iry'umuhanga mu by'imiti na nimero ya Telefoni.

Igihe umuhanga mu by'imiti yasezeye cyangwa yasezerewe ku kazi cyangwa yitabye Imana, farumasi irafungwa kugeza igihe habonekeye umusimbura.

Nta muti wanditse ku rupapuro mpesha muti ushobora gutangwa bidahagarariwe n'umuntu ubyemerewe.

without interference or receiving instructions from his/her employer.

No person shall open a pharmacy unless the pharmacy is under the supervision of a pharmacist, or make use of any title, emblem or description reasonably intended to suggest that he/she is a pharmacist.

No head pharmacist shall be entrusted with the responsibility of managing any other pharmacy at the same time.

The certificate of registration of the pharmacist, the licence for opening a pharmacy and the license to operate a pharmacy shall be conspicuously exhibited in the pharmarcy premises.

A pharmacy must be identified by a clearly displayed sign post containing the name of the pharmacy, name of the pharmacist and the telephone number.

When a pharmacist resigns, is dismissed from his/her job or dies, the pharmacy shall remain closed until another pharmacist is recruited.

No pharmaceutical product written on the medical prescription can be dispensed without the supervision of an authorized person.

l'ingérence ou instructions de la part de son employeur.

Nul ne peut ouvrir une pharmacie sans que cette dernière soit sous la supervision d'un pharmacien ou se servir d'un titre, d'un emblème ou de la description raisonnablement prévue pour laisser entendre qu'il est un pharmacien.

Aucun pharmacien responsable ne peut se voir confier la responsabilité de gérer deux pharmacies en parallèle.

Le certificat d'enregistrement du pharmacien, le permis d'ouverture de la pharmacie et le permis d'exploitation de la pharmacie doivent être affichés de façon visible dans les locaux de la pharmacie.

Une pharmacie doit être rendue identifiable à l'aide d'un panneau affiché de façon visible et portant le nom de la pharmacie, celui du pharmacien et le numéro de téléphone.

Lorsqu'un pharmacien est révoqué, démissionne ou meurt, la pharmacie doit rester fermée jusqu'à ce qu'un autre pharmacien soit recruté.

Aucun produit pharmaceutique figurant sur la prescription médicale ne peut être délivré sans la supervision d'une personne autorisée.

**UMUTWE WA VII: GUKORA, GUTUMIZA, KOHEREZA, KUBIKA NO GUTANGA IBIGENGWA N'IRI TEGEKO**

**Ingingo ya 33: Gukora ibigengwa n'iri tegeko**

Imiti n'ibikoresho byo mu buvuzi bikorwa hakurikijwe amahame ngenderwaho mu gukora imiti n'ibikoresho byo mu buvuzi.

Nta muntu cyangwa itsinda ry'abantu bemerewe gukora imiti n'ibikoresho byo mu buvuzi batabiherewe uruhushya.

**Ingingo ya 34: Gutumiza no kohereza mu mahanga**

Gutumiza no kohereza mu mahanga imiti n'ibikoresho byo mu buvuzi bikorwa hakurikijwe ibitegenywa n'iteka rya Minisitiri.

Nta muntu cyangwa itsinda ry'abantu bemerewe gutumiza no kohereza mu mahanga imiti n'ibikoresho byo mu buvuzi batabiherewe uruhushya.

Nta farumasi itumiza mu mahanga imiti n'ibikoresho byo mu buvuzi yemerewe kuyiranguza izindi farumasi zikora nka yo.

**CHAPTER VII : MANUFACTURE, IMPORT, EXPORT, STORAGE AND DISTRIBUTION OF ITEMS REGULATED UNDER THIS LAW**

**Article 33: Manufacture of items regulated under this Law**

Pharmaceutical products and medical devices shall be manufactured in compliance with relevant principles relating to their manufacture.

No individual or association of persons shall manufacture pharmaceutical products and medical devices unless they are granted a license to do so.

**Article 34: Import and export**

Import and export of pharmaceutical products and medical devices shall be done in accordance with the provisions of an Order of the Minister.

No person or association of persons shall import and export pharmaceutical products and medical devices unless they are granted a license to do so.

No pharmacy importing pharmaceutical products and medical devices shall sell them on a wholesale basis to other pharmacies in the same

**CHAPITRE VII: FABRICATION, IMPORTATION, EXPORTATION, STOCKAGE ET DISTRIBUTION D'ARTICLES REGLEMENTES PAR LA PRESENTE LOI**

**Article 33: Fabrication des articles réglementés par la présente loi**

Les produits pharmaceutiques et les dispositifs médicaux doivent être fabriqués conformément aux principes de bonnes pratiques de fabrication en la matière.

Aucun individu ou association ne peut fabriquer des produits pharmaceutiques et des dispositifs médicaux sans être titulaire d'un permis délivré à cet effet.

**Article 34: Importation et exportation**

L'importation et l'exportation des produits pharmaceutiques et des dispositifs médicaux se font conformément aux dispositions d'un arrêté du Ministre.

Aucun individu ou association ne peut ni importer, ni exporter des produits pharmaceutiques et des dispositifs médicaux sans être titulaire d'un permis délivré à cet effet.

Il est interdit à toute pharmacie important des produits pharmaceutiques et des dispositifs médicaux de les vendre à d'autres pharmacies

Nta muntu ushobora kwinjiza mu gihugu imiti n'ibikoresho byo mu buvuzi bidasigaje igihe cyo kubaho kingana nibura na 2/3 by'igihe cyo kubaho kwabyo.

**<u>Ingingo ya 35:</u> Gutumiza mu mahanga no kwinjiza mu gihugu imiti n'ibikoresho byo mu buvuzi ku mpamvu zidasanzwe**

Nta muntu wemerewe gutumiza mu mahanga no kwinjiza mu gihugu imiti n'ibikoresho byo mu buvuzi ku mpamvu zidasanzwe atabifitiye uruhushya rutangwa hakurukijwe ibiteganywa n'iri tegeko.

Cyakora ku mpamvu zumvikana, umuntu cyangwa ikigo gikora ibijyanye n'iri tegeko bashobora kwemererwa gutumiza imiti n'ibindi bikoresho byo mu buvuzi ku mpamvu zidasanzwe.

Bitabangamiye ibiteganywa n'iri tegeko, umukerarugendo, umushyitsi winjiye mu gihugu cyangwa undi muntu wese bashobora kwemererwa kwinjiza umuti cyangwa ibikoresho byo mu buvuzi runaka bakeneye mu gihe cy'iminsi itarenze mirongo itatu (30) ishobora kongerwa kubera impamvu z'uburwayi bwemejwe na muganga.

Ku muntu usanzwe imbere mu gihugu, bimaze kwemezwa na muganga, yemerewe gutumiza uwo umuti mu gihe utaboneka mu gihugu.

category.

No person shall import pharmaceutical products and medical devices with shelf life less than two thirds (2/3) of their total shelf life.

**<u>Article 35:</u> Import and introduction of pharmaceutical products and medical devices for special purposes**

No person shall import and introduce into the country pharmaceutical products and medical devices for special purposes unless he/she has a license granted in accordance with the provisions of this Law.

However, if there are justified reasons, an individual or a company that carries out activities provided under this Law may be authorized to import pharmaceutical products and other medical devices for special purposes.

Without prejudice to the provisions of this Law, a tourist, a visitor in the country or any other person may, on medical grounds as certified by a medical doctor, be authorized to introduce into the country a pharmaceutical product or medical devices they need within a renewable period of thirty (30) days.

A resident in the country shall, on medical grounds as certified by a medical doctor, be authorized to import a pharmaceutical product if such pharmaceutical product is not available in

relevant de sa catégorie.

Nul ne peut importer des produits pharmaceutiques et des dispositifs médicaux dont la durée de vie est inférieure à deux tiers (2/3) de leur durée totale de conservation.

**<u>Article 35</u>: Importation et introduction des produits pharmaceutiques et des dispositifs médicaux aux fins spéciales**

Nul ne peut importer et introduire dans le pays des produits pharmaceutiques et des dispositifs médicaux à des fins spéciales à moins qu'il ne soit titulaire d'un permis accordé conformément aux dispositions de la présente loi.

Toutefois, lorsqu'il y a des raisons convaincantes, un individu ou une société qui mène les activités prévues par la présente loi peut se voir autoriser à importer des produits pharmaceutiques et d'autres dispositifs médicaux à de fins spéciales.

Sans préjudice des dispositions de la présente loi, un touriste, une personne en visite au pays ou toute autre personne peut se voir autoriser à introduire dans le pays un produit pharmaceutique ou des dispositifs médicaux dont ils ont besoin dans un délai de trente (30) jours renouvelable pour des raisons médicales certifiées par un médecin.

Une personne qui réside habituellement dans le pays peut, pour des raisons médicales certifiées par un médecin, se voir autoriser à importer un produit pharmaceutique si un tel produit pharmaceutique

the country.

n'est pas disponible dans le pays.

**Ingingo ya 36: Ibihe bidasanzwe**

Ibihe bidasanzwe ni igihe mu gihugu habaye ibiza, indwara z'ibyorezo n' intambara.

**Ingingo ya 37: Gutanga imiti n'ibikoresho byo mu buvuzi**

Imirimo ikorerwa muri farumasi idandaza ijyanye n'igikorwa cyo gutanga imiti, ibiribwa, ibinoza kandi bisukura umubiri, ibihumanya, imiti ikomoka ku bimera n'ibikoresho byo mu buvuzi. Ariko ibi ntibibangikanwa n'umurimo wo kuvura.

Farumasi itanga imiti n'ibikoresho byo mu buvuzi ishobora kurangura ariko ntiyemerewe kubiranguza izindi farumasi zikora nkayo.

Nta n'ubwo yemerewe kujya mu ipiganwa ry'amasoko yo kugemura imiti n'ibikoresho byo mu buvuzi.

Birabujijwe gutanga imiti n'ibikoresho byo mu buvuzi bitujuje ubuziranenge cyangwa by'ibyiganano.

**Article 36: Emergency situation**

Emergency situation occurs when the country is faced with disasters, pandemics and war.

**Article 37: Supply of pharmaceutical products and medical devices**

Retail pharmacy business consists of the retail sale of pharmaceutical products, food products, cosmetics, poisonous products, herbal medicines and medical devices but does not include a professional practice carried on by a medical practitioner.

A pharmacy that supplies pharmaceutical products and medical devices may buy them on a wholesale basis but shall not sell them on a wholesale basis to other pharmacies in the same category.

The pharmacy shall not be allowed to bid for the supply of pharmaceutical products and medical devices.

No person shall supply pharmaceutical products and medical devices which do not meet quality standards or which are counterfeit.

**Article 36: Situation d'urgence**

La situation d'urgence survient lorsque le pays est confronté aux catastrophes, aux pandémies et à la guerre.

**Article 37: Fourniture des produits pharmaceutiques et des dispositifs médicaux**

Les activités d'une pharmacie de détail consistent en la vente au détail des produits pharmaceutiques, des produits alimentaires, des produits cosmétiques, des produits toxiques, des substances phytothérapeutiques et des dispositifs médicaux à l'exception de l'exercice de la profession de médecin.

Une pharmacie qui fournit les produits pharmaceutiques et les dispositifs médicaux peut les acheter en gros mais ne peut pas les revendre en gros à d'autres pharmacies relevant de sa catégorie.

Elle ne peut non plus soumissionner pour la fourniture de produits pharmaceutiques et des dispositifs médicaux.

Nul ne peut fournir les produits pharmaceutiques et dispositifs médicaux contrefaits ou ne répondant pas aux normes de qualité.

**Ingingo ya 38 : Imiti itujuje ibisabwa**

Birabujijwe:

1° kwongera cyangwa kugabanya ibigize umuti kugira ngo ahindure imiterere yawo;

2° gutanga, kumurika, gutunga umuti wahinduriwe imiterere yawo bitewe no kongeramo cyangwa kugabanya mo ibiwugize;

3° gutanga umuti udafite imiterere n'ubuziranenge byasabwe n'umuguzi;

4° gutanga, kugura , kugurisha no guha umuntu cyangwa inyamaswa umuti utujuje ibisabwa.

Imiti itujuje ibisabwa ibikwa ahantu habugenewe igashyirwaho ikimenyetso "Imiti itujuje ibisabwa" byanditswe mu ibara ry'umutuku.

Iteka rya Minisitiri rishyiraho imiterere y'ahantu hagenewe kubikwamo imiti itujuje ibisabwa.

**Article 38: Unfit pharmaceutical products**

No person shall:

1° add to or reduce any substance from a pharmaceutical product so as to change its composition;

2° dispense, exhibit or have in his/her possession any pharmaceutical product whose composition has been affected by the addition thereto or reduction there from of any substance;

3° dispense any pharmaceutical product which does not meet the composition and quality required by the consumer;

4° dispense, buy, sell and administer to any person or animal, any unfit pharmaceutical product.

Unfit pharmaceutical products are kept in a separate confinement labelled "unfit pharmaceutical products" marked in red.

An Order of the Minister shall set out the nature of the place of confinement of unfit pharmaceutical products.

**Article 38: Produits pharmaceutiques impropres**

Nul ne peut:

1° ajouter une substance quelconque à un produit pharmaceutique ou l'y soustraire de manière à modifier sa composition;

2° délivrer, exposer ou posséder tout produit pharmaceutique dont la composition a été modifiée soit par l'addition ou la soustraction d'une substance;

3° délivrer un produit pharmaceutique qui ne répond pas aux normes de composition et de qualité requises par le consommateur;

4° délivrer, acheter, vendre et administrer à une personne ou à un animal un produit pharmaceutique impropre.

Tous les produits pharmaceutiques impropres sont conservés à un endroit isolé avec une étiquette portant la mention en rouge « produits pharmaceutiques impropres».

Un arrêté du Ministre précise la nature d'un endroit isolé servant à la conservation des produits pharmaceutiques impropres.

**Ingingo ya 39: Gutanga umuti**

Gutanga umuti ni igikorwa cyo kwakira no gusesengura urupapuro mpesha-muti, kugira inama no guha umuntu umuti waba uw'umuntu cyangwa inyamaswa ucishwa mu kanwa, mu mazuru, mu maso, mu matwi, mu gitsina, uterwa mu rushinge cyangwa winjizwa mu mubiri, ushyirwa ku mubiri n'ubundi buryo bwakoreshwa mu gutanga umuti bitewe n'imiterere isanzwe yawo byanditswe na muganga, umuganga w'amenyo cyangwa umuganga w'amatungo.

**Ingingo ya 40 : Kwigana umuti**

Birabujijwe kwigana umuti.

**Ingingo ya 41: Imiterere n'ikoreshwa ry'urupapuro mpesha- muti**

Imiti itangwa hakurikijwe urupapuro mpesha-muti.

Iteka rya Minisitiri rigena imiterere n'imikoreshereze y'urupapuro mpesha-muti n'urutonde rw'imiti itangwa nta rupapuro mpesha-muti.

**Article 39: Dispensation of a pharmaceutical product**

Dispensation of a pharmaceutical product is an act of receiving and examining a medical prescription, counselling a person and offering a pharmaceutical product intended for human or animal consumption through oral, intranasal, ocular, auricular, vaginal or urethral, intracutaneous, topical route or by injection or through any other route that may be used to administer a pharmaceutical product depending on its existing state pursuant to a prescription by a medical doctor, a dentist or veterinary surgeon.

**Article 40: Pharmaceutical product counterfeiting**

No person shall engage in the practice of counterfeiting pharmaceutical product.

**Article 41: Nature and use of medical prescription**

Pharmaceutical products shall be dispensed on the basis of a medical prescription.

An Order of the Minister shall determine the nature and use of medical prescription and the over-the-counter pharmaceutical products list.

**Article 39: Délivrance d'un produit pharmaceutique**

La délivrance d'un produit pharmaceutique désigne l'acte de recevoir et d'examiner une prescription médicale, de conseiller une personne et d'offrir un produit pharmaceutique destiné à la consommation humaine ou animale par voie orale, intranasale, oculaire, auriculaire, vaginale ou urétrale, injectable ou intra-cutanée, topicale ou par toute autre voie qui peut être utilisée pour administrer un produit pharmaceutique en fonction de son état actuel sur prescription d'un médecin, d'un dentiste ou d'un médecin vétérinaire.

**Article 40: Contrefaçon d'un produit pharmaceutique**

Nul ne peut se livrer à la contrefaçon d'un produit pharmaceutique.

**Article 41: Nature et usage de la prescription médicale**

Les produits pharmaceutiques ne peuvent être dispensés que sur prescription médicale.

Un arrêté du Ministre détermine la nature et l'usage de la prescription médicale et la liste des produits pharmaceutiques en vente libre.

**Ingingo ya 42: Urutonde rw'imiti y'ibanze**

Minisitiri atangaza mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda urutonde rw'imiti y'ibanze rushobora kuvugururwa igihe cyose bibaye ngombwa**.**

**Ingingo ya 43 : Imiti igenzurwa ku buryo bw'umwihariko**

Bitabangamiye ibiteganywa n'andi mategeko agenga imikoreshereze y'imiti igenzurwa ku buryo bw'umwihariko, nta muntu wemerewe gukora, gutumiza mu mahanga, gutanga cyangwa gukoresha iyi miti ku mpamvu z'ubuvuzi cyangwa z'ubushakashatsi keretse yujuje ibiteganywa muri iri tegeko.

**UMUTWE WA VIII: UBUGENZUZI BW'IMITI**

**Icyiciro cya mbere: Urwego rw'Ubugenzuzi n'inshingano zarwo**

**Ingingo ya 44 : Urwego rw'Ubugenzuzi**

Urwego rw'Ubugenzuzi rugenzura ibyerekeye gukora, gukwirakwiza no gutanga imiti. Rugenzura buri gihe niba ibyari byashingiweho bicyubahirizwa, hakarebwa niba ibikoresho byo mu buvuzi byujuje ibisabwa n'amategeko.

**Article 42: Essential pharmaceutical products list**

The Minister shall publish in the Official Gazette of the Republic of Rwanda an essential pharmaceutical products list which may be updated whenever necessary.

**Article 43: Controlled pharmaceutical products**

Without prejudice to the provisions of other laws governing the use of controlled pharmaceutical products, no person shall be authorized to manufacture, import, supply or use controlled pharmaceutical products for medicinal or scientific purposes unless he/she meets requirements provided under this Law.

**CHAPTER VIII: INSPECTION OF PHARMACEUTICAL PRODUCTS**

**Section One: Inspection Department and its responsibilities**

**Article 44: Inspection Department**

The Inspection Department SHALL control the manufacture, distribution and dispensing of pharmaceutical products. It shall at any time verify whether the conditions that were required continue to be met and whether medical devices meet the conditions required by Law.

**Article 42: Liste des produits pharmaceutiques essentiels**

Le Ministre publie au Journal Officiel de la République du Rwanda la liste des produits pharmaceutiques essentiels qui peut être actualisée chaque fois que nécessaire.

**Article 43: Produits pharmaceutiques placés sous contrôle**

Sans préjudice des dispositions d'autres lois régissant l'utilisation des produits pharmaceutiques placés sous contrôle, nul ne peut être autorisé à fabriquer, importer, fournir ou utiliser les produits pharmaceutiques placés sous contrôle à des fins médicales ou scientifiques à moins qu'il ne remplisse les conditions prévues par la présente loi.

**CHAPITRE VIII: INSPECTION DE PRODUITS PHARMACEUTIQUES**

**Section première: Service d'Inspection et ses attributions**

**Article 44: Service d'Inspection**

Le Service d'Inspection contrôle la fabrication, la distribution et la délivrance des produits pharmaceutiques. Il surveille à tout moment si les conditions qui étaient requises continuent d'être respectées et si les dispositifs médicaux répondent aux conditions exigées par la loi.

Urwego rw'Ubugenzuzi rugenzura kandi niba imiti yubahirije ibisabwa bikubiye mu ruhushya rwo kuyishyira ku isoko; rushinzwe kandi kumenya ibyerekeye umutekano w'imiti harimo kwegeranya amakuru, kuyasesengura no kuyafataho ibyemezo bikwiye.

Urwego rw'Ubugenzuzi rufata ikigereranyo ku buntu hagamijwe gupima mu gihe ari ngombwa; rusaba kandi guhabwa amakuru, inyandiko cyangwa se ubundi bufasha rubona ko ari ngombwa.

Buri wese amenyesha Urwego rw'Ubugenzuzi cyangwa Ubuyobozi bw'Inzego z'Ibanze ikintu icyo ari cyo cyose gitewe no gushyira mu bikorwa ibikubiye mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bugafata icyemezo gikwiye.

Ubuyobozi bw'Akarere na bwo bushobora gufata icyemezo cya ngombwa ku kintu icyo ari cyo cyose kibangamiye ubuzima ku buryo bukabije.

**Ingingo ya 45: Inshingano z'Urwego rw'Ubugenzuzi**

Hashyizweho Urwego rw'Ubugenzuzi rugenzura ibitegenywa n'iri tegeko. Urwego rw'Ubugenzuzi ruhawe inshingano zikurikira:

1° kugenzura ahakorerwa, ahabikwa, aho

The Inspection Department shall verify whether pharmaceutical products meet conditions laid down in the license authorizing their sale on the market and also monitor the safety of pharmaceutical products including collecting and analyzing information and making appropriate decisions.

The Inspection Department shall collect free samples for analysis, if necessary; it shall also request information, documents or any other assistance if considered necessary.

Every person shall be required to inform the Inspection Department or local authorities of any implications resulting from the implementation of the provisions of Paragraph Oe of this Article to take an appropriate decision.

District authorities may also take an appropriate decision in relation to whatever can cause a serious harm to health.

**Article 45: Responsibilities of the Inspection Department**

There is hereby established an Inspection Department responsible for monitoring compliance with the provisions of this Law. The Inspection Department shall have the following responsibilities:

1° to perform inspections of places of

Le Service d'Inspection contrôle si les produits pharmaceutiques répondent aux conditions fixées dans le permis de leur mise sur le marché et contrôle également la sûreté des produits pharmaceutiques y compris la collecte et l'analyse des informations et la prise de décisions appropriées.

Le Service d'Inspection procède à la collecte des échantillons gratuits pour la réalisation des analyses si nécessaire, il requiert aussi des informations, des documents ou toute autre assistance jugée nécessaire.

Toute personne est tenue d'informer le Service d'Inspection ou les autorités locales de toute implication qui résulte de la mise en application des dispositions de l'alinéa premier du présent article pour prendre la décision qui s'impose.

Les autorités de District peuvent également prendre la décision qui s'impose en rapport avec tout ce qui constitue un préjudice sérieux pour la santé.

**Article 45: Attributions du Service d'Inspection**

Il est créé un Service d'Inspection chargé de contrôler le respect des dispositions prévues par la présente loi. Les attributions du Service d'Inspection sont les suivantes :

1° inspecter les lieux de fabrication, de

batumiza cyangwa bohereza, ahagurishirizwa, ahafunikirwa, ahakwirakwirizwa, ahagemurwa n'aho batwarira ibiteganywa n'iri tegeko;

2° kugenzura inyubako y'umuntu, y' itsinda ry'abantu cyangwa y'ikigo cy'ubucuruzi cyanditse gikora imirimo iri mu gitabo nk'uko bitaganywa n'iri tegeko;

3° kwinjira mu nyubako, iduka, imodoka,ubwato,indege cyangwa ahandi hantu hose hakekwa ko hakorerwa ubucuruzi bw'ibintu bigengwa n'iri tegeko;

4° gusesengura no kugenzura icyemezo cyo kwiyandikisha, uruhushya, igitabo, uburyo bw'ikoranabuhanga bwo kubika amakuru cyangwa indi nyandiko yose iboneka mu nyubako kandi afite ububasha bwo gutwara zimwe mu nyandiko zikenewe gukorerwa isuzuma n'igenzura risesuye; gufatira no gufata buri kintu cyose kigengwa n'iri tegeko igihe cyose rubona ko kirimo ibimenyetso byo kutubahiriza ingingo zaryo;

5° gufunga inyubako zitubahiriza iri itegeko no gushyiraho uburyo bwo kubikurikirana;

6° gutegeka gusubiza ibintu bigengwa n'iri tegeko mu gihugu byaturutsemo, igihe

manufacture, storage, import, export, sale, packaging, distribution, supply and transportation of items regulated under under this Law;

2° to perform inspections of premises of an individual, group of persons or a registered trading company that conducts activities listed in the register as provided under this Law;

3° to enter into premises, a store, vehicle, vessel, aircraft or any other place suspected of being used to deal in items regulated under this Law;

4° to analyze and examine any certificate of registration, autorisation, book, electronic information storage system or any other document found in the premises and take some documents for which a thorough analysis and inspection are needed; seize and retain any item regulated under this Law whenever it appears to be in contravention with its provisions;

5° to close down premises considered in violation of this Law and lay down modalities of implementation ;

6° to order that any items regulated under this Law imported in violation of its

stockage, d'importation, d'exportation, de vente, d'emballage, de distribution, de fourniture et de transport des articles réglementés par la présente loi ;

2° inspecter le local d'un individu, d'un groupe de personnes ou d'une société commerciale enregistrée qui mène les activités figurant dans le registre comme prévu par la présente loi ;

3° pénétrer dans un local, un magasin, un véhicule, un navire, un aéronef ou dans tout autre lieu soupçonnés de servir à la commercialisation des articles réglementés par la présente loi ;

4° analyser et examiner tout certificat d'enregistrement, autorisation, livre, tout système de stockage d'informations électroniques ou autre document se trouvant dans les locaux et prendre certains documents pour lesquels une analyse et une inspection approfondies s'avèrent nécessaires ; saisir et détenir tout article réglementé par la présente loi chaque fois qu'il lui paraît être en contravention avec ses dispositions;

5° fermer les locaux jugés non conformes à la présente loi et en fixer les modalités de suivi;

6° ordonner le retour au pays d'origine de tout article réglementé par la présente loi

byatumijwe bitubahirije ingingo zikubiye muri iri tegeko;

7° guha ububasha umugenzuzi cyangwa abakozi bashyizweho nk'uko biteganywa n'amategeko bashinzwe imirimo ifitanye isano n'iyubugenzuzi kugira ngo bakore imirimo nk'abagenzuzi;

8° kugira ibanga ry'umurimo w'ubugenzuzi.

**Ingingo ya 46: Kugira ibanga ry'amakuru**

Ubuyobozi bubifitiye ububasha bufite inshingano yo gusuzuma mu ibanga amakuru bwakusanyije hakurikijwe iri tegeko ndetse n'iyo kugira ibanga amakuru afite akamaro gakomeye gatuma agomba kugirwa ibanga.

**Icyiciro cya 2 :Ubufatanye no guhanahana amakuru**

**Ingingo ya 47: Ubufatanye bw'inzego**

Urwego rw'Ubugenzuzi rushobora gusaba no gutanga amakuru ajyanye n'ibyo rwagaragaje mu gihe bibaye ngombwa.

Cyakora, ibanga rikoreshwa mu ruganda cyangwa mu bucuruzi ntiritangazwa uretse igihe gutangaza ayo makuru y'ibanga ari ngombwa mu rwego rwo kwirinda ikintu gishobora guhungabanya ubuzima bw'abantu n'ubw'inyamaswa nk'uko biteganywa n'amategeko abigenga.

provisions be returned to the country of origin;

7° to authorize an inspector or officers designated in accordance with laws tasked with performing inspection-related duties to act as inspectors;

8° to keep professional secrecy.

**Article 46: Obligation to keep information confidential**

Competent authorities shall have the obligation to examine in a confidential manner any information collected pursuant to this Law and be bound to secrecy of information whose sensitive nature requires confidentiality.

**Section 2: Cooperation and exchange of information**

**Article 47: Cooperation between organs**

The Inspection Department may, if necessary, seek and give information in connection with inspection results.

However, information constituting industrial or commercial secrets shall not be disclosed unless the disclosure is necessary to avoid anything that may pose a risk to human and animal health in accordance with relevant laws.

importé en contravention à ses dispositions ;

7° autoriser un inspecteur ou des agents désignés conformément aux lois à exercer les fonctions relatives à l'inspection pour agir comme inspecteurs;

8° garder le secret professionnel.

**Article 46: Obligation au secret des informations**

Les autorités compétentes ont l'obligation d'examiner confidentiellement les informations collectées conformément à la présente loi et sont tenues au secret des informations dont la sensibilité exige la confidentialité.

**Section 2: Coopération et échange d'informations**

**Article 47: Coopération entre les organes**

Le Service d'Inspection peut, en cas de besoin, solliciter et donner des informations en rapport avec les résultats de l'inspection.

Toutefois, le secret industriel ou commercial ne peut être communiqué à moins que sa communication s'avère nécessaire pour éviter tout ce qui peut constituer un danger pour la santé humaine et animale conformément aux lois en la matière.

**Ingingo ya 48: Guhanahana amakuru**

Urwego rw'Ubugenzuzi rushyiraho uburyo bwo guhanahana amakuru n'izindi nzego bihuje inshingano.

**UMUTWE WA IX: KWAMAMAZA**

**Ingingo ya 49: Amabwiriza agenga ibikorwa byo kwamamaza**

Iteka rya Minisitiri rigena uburyo ibijyanye no kwamamaza ibintu bigengwa n'iri tegeko bikorwa.

**UMUTWE WA X: INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 50: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**Ingingo 51: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**Ingingo ya 52: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

**Article 48: Exchange of information**

The Inspection Department shall set up a system for exchanging information with other organs with similar responsibilities.

**CHAPTER IX: ADVERTISING**

**Article 49: Regulations applicable to advertising activities**

An Order of the Minister shall determine modalities for advertising items regulated under this Law.

**CHAPTER X: FINAL PROVISIONS**

**Article 50: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

**Article 51: Repealing provision**

All prior legal provisions inconsistent with this Law are hereby repealed.

**Article 52: Commencement**

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

**Article 48: Echange d'informations**

Le Service d'Inspection met en place un système d'échange d'informations avec d'autres organes ayant des attributions similaires aux siennes.

**CHAPITRE IX: PUBLICITE**

**Article 49: Règlements applicables aux activités publicitaires**

Un arrêté du Ministre détermine les modalités de publicité des articles réglementés par la présente loi.

**CHAPITRE X: DISPOSITIONS FINALES**

**Article 50: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en kinyarwanda.

**Article 51: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**Article 52: Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, ku wa **14/01/2013**

(sé)

**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

(sé)

**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho ikirango cya Repubulika :**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Kigali, on **14/01/2013**

(sé)

**KAGAME Paul**
President of the Republic

(sé)

**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**
Prime Ministe

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**
Minister of Justice/Attorney General

Kigali, le **14/01/2013**

(sé)

**KAGAME Paul**
Président de la République

(sé)

**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux